

IJWI RY'IKIMENYETSO



Mugume muhagaze umwanya muto gusa imbere y'Umwami. Reka dusome mw'Ijambo Rye, mu Kuva, igice cya 4.

...Mose arayisubiza ati: Ariko ntibazanyemera, ntibazanyumvira: kuko bazambwira bati: UWITEKA ntiyakubonekeye.

Uwiteka aramubaza ati: icyo ufite mu ntoki ni iki? . . . aramusubiza ati: Ni inkoni.

Nuko aramubwira ati: Yijugunye hasi. Nuko ayijugunya hasi, ihinduka inzoka; Mose arayihunga.

UWITEKA abwira Mose ati: Rambura ikiganza cyawe uyifate umurizo. arambura ikiganza arayifata, irongera iba inzoka mu ntoki ze:

Ni ukugira ngo bemere ko UWITEKA Imana ya ba sekuriza, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo, yakubonekeye.

Kandi UWITEKA aramubwira ati: Shyira ikiganza cyawe mu gituza. Nuko ashyira ikiganza cye mu gituza: agikuyeho kiza cyuzuyeho ibibembe, cyera nka sheregi.

Nuko aramubwira ati: Gisubize mu gituza. arongera ashyira ikiganza mu gituza cye; kandi agikuye mu gituza cye, kiza gihwanye n'undi mubiri wose.

Kandi dore uko bizagenda, nibatakwemera, ngo bemeze n'ijwi ry'ikimenyetso cya mbere, bazemera ijwi ry'ikimenyetso cya kabili.

Kandi nibaramuka batemejwe n'ibyo bimenyetso byombi, ntibumvire amagambo yawe, uzavome amazi yo mu ruzi uyasuke imusozi: ayo mazi uvomye mu ruzi azahinduka amaraso i . . . imusozi.

² Reka twunamishe imitwe yacu dusenge. Noneho ufite icyifuzo, kuri uyu mugoroba, yifuza kumenyesha Uwiteka, azamure ikiganza gusa maze avuge ati: “Mwami, nyibuka nonaha. Ndagukeneye.”

³ Data wo mw'Ijuru, twongeye kukwegera kuri uyu mugoroba, tuzi ko mu gihe twunamishije imitwe yerekeza mu butaka aho twavuye, kandi, nutinda, tuzasubira mu mukungugu. Ariko hamwe n'ibyiringiro byuzuye by'amasezerano ari muri Kristo, abari mu Mana bose Kristo azabazana. Twebwe—turagushimiye kubw'iri sezerano ryiza. Kandi ndasenga, Mana, kugira ngo uzibuke buri wese wazamuye ibiganza, n'icyange ndakizamuye, Mwami.

⁴ Ndasenga, iri joro, ngo mu gusoza iyi saha yo kwizera, ko uza guha abantu kwizera gutya muri iri joro, ko Umwami Yesu aza kuba impamo kuri buri wese muri twe, ko nta muntu uza kugira intege nke hagati yacu nyuma y'uyu mugoroba. Reka umunyabyaha wese amenye ko ari imbere y'Umwami Yesu, hanyuma yihane ibyaha bye, kandi aguhe umutima we, wuzure Umwuka, muri aya masaha ya nyuma, nk'uko tubibona nk'igicucu kinini kinyerera kw'isi.

⁵ Turasenze, Mana, dusaba ubuyobozi bw'Imana, muri iri joro, mu kuvuga no kumva. Reka Umwuka Wera ajyane iteraniro none amenywe Umugati wubuzima kuri buri wese muri twe nkuko dukeneye, kandi tubisabye mw'Izina Rye. Amina.

Mushobora kwicara.

⁶ Nizera ko iri joro dushobora gusohozza ibyo tugerageza kwereka abantu, u—ukuri ko kugira kwizera mu Mana.

⁷ Noneho, ejo nyuma ya saa sita, saa munani n'igice, abafite amakarita y'amasengesho bazasengerwa. Hanyuma kugira ngo tumenye neza ko nta muntu usigaye, adafite amakarita y'amasengesho, buri joro dutanga amakarita y'amasengesho. Kandi azongera kuyabaha ejo, hafi...Ndakeka ko, ari nka saa saba n'igice cyangwa ikindi kintu nk'icyo, mbere y'uko amateraniro atangira. Kandi abantu bose bifuzaga gusengerwa, uwo ari we wese mu bakunzi bawe, nibababaza bahabwe ikarita y'amasengesho. Nta gushidikanya i—ikaze ku ikarita y'amasengesho. Kandi turagenda...

⁸ Ndashaka gusengeraga abantu, mbarambikaho ibiganza no kubasengeraga. Noneho niba kwizera kwanyu kudashobora guhagarara imbere y'Umwami Yesu no kumwakira nk'umukiza wawe, kandi mwizera gusa ko turamutse dusenze tukabarambikaho ibiganza, ibyo byabafasha, ni byiza, rwose turi hano kugira ngo dukore ikintu cyose mwifuzaga.

⁹ Impamvu nabitindije, igihe kirekire, nshakisha ukuntu abantu bose nashobora kubageraho, ibyo bishobora kutugeza no kubona Imana duherereye kuri ibyo. Kandi ntabwo dufite benshi cyane. Hari...Inyubako ntabwo ari nini, ku bw'ibyo rero ntabwo dufite abantu benshi cyane. Kandi dushobora gufata ejo nyuma ya saa sita tugasengeraga abo dufite bese, twabishyiraga nyuma ya saa sita muri icyo ntego, yo gusengeraga abarwayi.

¹⁰ Kandi turi hano kugira ngo dukore ibishoboka byose kugira ngo mwebwe tubafashe kugira ubuzima bwiza, tworoshya umutwaro, muri uru rugendo turimo.

¹¹ Hanyuma igihe icyo ari cyo cyose, umuntu wese yumva ko—ko yabasha kuza ku Mwami Yesu, nta kibazo igice cy'uwo murimo nikiba kirimo gukorwa, muraza ako kanya. Ntmutegereze ko igihe cyo guhamagarira ku gicaniro kigera. Ntmutegereze kugeza ubutumire butanzwe. Muze ako kanya, mwemere Kristo, hanyuma muze mumwaturire ako kanya.

Kubera ko ni yo ntego nyamukuru yacu yo kuba hano, ni ukubona roho zivukira mu Bwami bw'Imana.

¹² Noneho, ejo ni ku Cyumweru, kandi hazaba ishuri ryo ku Cyumweru, amateraniro. Impamvu ni uko dufite imirimo yacu ya nyuma ya saa sita, ku Cyumweru, ni uko tutazahagarika umurimo uwo ari wo wose. Twizera ko buri Mukristo agomba kugira i—itorero ry'iwabo ajyamo. Umukristo wese agomba guhurira ahantu hamwe n'abizera. Kandi aho muzahurira hose, iryo ni ryo torero.

¹³ Noneho, iyo nza kuba hano, nari kuba umwe wo muri rimwe muri aya matorero hano, icyo aba bapasitori hano, icyo kwifatanya kwabo, cyerekana. Kubera iki? Kubera ko bari hano bicaye ku mugaragaro, kugira ngo babonwe n'abantu bose, ko bemeza ibirimo kuba. Bizera ubu bwoko bw'umurimo, gukiza indwara guturuka ku Mana, umubatizo w'Umwuka Wera, n'ibindi. Bari hano nk'abagabo bo kubihamya. Ni bo bantumiye kuza hano, ko wenda umurimo Uwitete yampaye ushobora gufasha itorero ryabo.

¹⁴ Noneho uwo ni umushumba nyawe, ureba inyungu zose z'umwuka mu buryo bushoboka, mu bintu byose Imana ikora, ko igerageza ibishoboka byose kugira ngo ifashe itorero Ryayo gukomeza mu nzira y'Imana. Ni ukuri nkuramo ingofero nishimira umushumba nkuriya.

¹⁵ Kandi abo bagabo bagombaga kubikora mu gihe kigoye, nabo. Mushobora kwizera ko ari ukuri. Bagombaga kubikora mu bihe bigoye. Nanjye—Ni ukuri ndashimira abantu nk'abo bakomeye b'Imana, ni inde ufite ubushake bwo gufata umwanya wabo n'inshingano zabo ku byo bemera, kandi—kandi bizera. Imana ibahe umugisha!

¹⁶ Kandi nzi neza ko bazagukorera ibyiza. Noneho, niba uri umunyamahanga hano, menya aho aba bene Data bafite amatorero yabo, aho bageze. Ejo uzabasura. Bazazaba bafite imirimo idasanzwe, kandi hano hari abakozi bazavugira mu matorero atandukanye, ndetse nk'uko byatangajwe. Mubane na bo ejo rero.

¹⁷ Noneho ejo nyuma ya saa sita, niba mwifuza kwinjira mu mirimo yo gusoza, twakwishimira rwose kubabona. Amatorero yose, amadini yose, ni aya abantu bose. Abantu bose bahawe ikaze: Metodisite, Batisita, Peresibiteriyeni, Pentekote, Itorero rya Kristo, Itorero ry'Imana, Umugatolika, Umuyahudi w'Umworutodogisi, umuhakanamana, uwo uri we wese. Turi... Muratumiye.

“Muravuga muti, ‘Abahakanamana’?” Ni byo, Mwami.

¹⁸ Niba umuhakanamana azaza mu materaniro akicara akitonda ubwe, yakirwa neza nk'abandi. Ni byo. Ikintu runaka, icyo ni cyo dushaka hano, ko hari icyakorwa cyamufasha kubona ikosa rye, akaza ku Mwami. Kuri twe... Rwose.

¹⁹ Ni bangahe bigeze basoma icyerekezo gito ikinyamakuru Christian Business Men cyasohoye, kandi ndizera ko maga nkeya- . . . , ya, *Kureba hakurya yurusika rw'ibihe?* Noneho ibyo ni ukuri, nshuti. Ibyo ntimushobora kwihanganira kubibura. Na—Nabaye umuntu utandukanye kuva icyo gihe. Nzi ko ari ukuri, rero ni—ni—nizera ko nta n'umwe muri mwe uzabura Ijuru rikomeye Imana ifitiye abizera. Niba mukora, ni iki mwagezeho hano kw'isi? Impamvu, ni uko mutazi igihe muzavira kuri iyi si. Ariko muzi ikintu kimwe, muzi neza ko mugomba kuyivaho. Niba rero ari byo, ubwo ntitwaba abapfu cyane kugerageza ku—kuba nka. . . Ntidushobora kwihanganira gufata amahirwe ayo ari yo yose. murareba, mwibuke gusa, kandi mwemere Ijambo ry'Imana n'amasezerano yose arimo.

²⁰ Mutekereze gusa, ku cyateye uburwayi bwose, ububabare bw'umutima, urupfu rwose, ingorane zose, intimba zose, uyu mwana muto udasanze, ibi bintu byose, abamugaye, impumyi, ibitaro byose bigomba kubakwa? Ni ukubera ko umuntu umwe atizeye gusa igice gito cy'ijambo. Uwo yari Eva. Satani yabimugeretseho gusa. Ntabwo yavuze, ahubwo yabimugeretseho, aravuga ati: “Ndemeza ko...Uwiteka ni mwiza cyane.”

²¹ Urumva byinshi uyu muni ku byerekeye, Imana kuba Imana nziza. Ni Imana nziza, ariko mwibuke ko ari Imana yera, Imana idashobora kwirengagiza icyaha. Igihano cyarishyuye, kandi mugomba kubyemera ku Kibuga Cyayo. Kandi mwibuke, Ni Imana y'uburakari, Imana y'uburakari. Kandi muzahagarara imbere y'Imana irakaye, atari Imana y'ineza n'imbabazi gusa. Iri joro ni Umukiza wanyu; uwo Muni ni We mucamanza wanyu.

²² Mwemeze rero ko nta kintu na kimwe kidakozwe, nshuti. Nti—ntibizashoboka. . . Ntabwo cyishyura. Ntimu—ntimukabigereho gusa. Mubyitondere, mwikubye kabiri, 'kubera ko mutabona andi mahirwe. Aya ni yo mahirwe yanyu yonyine, mu gihe muri hano kw'isi. Mwibuke ibya wa mukire na Lazaro.

²³ “Hano hari umworera munini hagati yanyu na we, nta muntu n'umwe wigeze awambuka, cyangwa ngo awurenge.” Murareba? Iyo wowe—iyo wowe upfuye, ibyo birakemuka. Nzi ko abantu bavugaga ko bagusengera ngo utajya aho hantu, ariko ntiwigera ubyizera. Ibyo binyuranye n'Ijambo ry'Imana. Murareba? “Aho igiti gihengamiye, ni ho kigwa.” Nuko Yesu aravugaga, ubwe, ati: “Hariho umworera hagati aho, wa wundi, igihe umuntu yapfaga akajya ikuzimu, ntiyashoboraga na rimwe kujya mw'Ijuru.” Nta muntu wigeze awurenga, kandi ntazigera awurenga. Ibyo birakemutse, uko mwibona. Igihe Yesu yavugaga ko ari uko bimeze, ni byo rwose.

²⁴ Gusa rero mwibuke, ubu ni amahirwe yanyu, kandi iri joro rishobora kuba amahirwe yanyu ya nyuma.

²⁵ Ntimushobora gusobanukirwa ibihabera? Iyaba gusa mwashoboraga kubibona! Nizere ko mudatekerezza ko kuvuga gutya, byagerageza kubagiraho ingaruka ngo murebe umuntu runaka, cyangwa kwizera umuntu runaka. Ntabwo ndimo kubikora, nshuti. Ndagerageza kukwemerera kwizera ko Ninde turi imbere Ye nonaha. Yesu Kristo, Imana nyine izabacira urubanza kuri uriya munsu, hano irigaragaza Ubwayo imbere yanyu, ikintu nyine yasezeraniye ko Izakora muri iyi minsi ya nyuma.

²⁶ Ntekereza ko Mwene Data Price, muri iki gitondo, kw'ifunguro rya mu gitondo, atanze urugero rwiza rwo kuza mu mfuruka, hanyuma mugomba guhindura imfuruka. Mbese ibyo murabyishimiye? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Muby'ukuri. Byari biteguye neza rwose.

²⁷ Noneho, mwibuke rero, rimwe na rimwe mu mfuruka, ariko mureke twibuke ko tugomba guhindura iyi mfuruka. Nabibwirijeho, inshuro imwe, mbyita, *Ihuriro*. Twakubise ihuriro, kenshi cyane, tugomba kunyura muri *iyi* nzira no mu nzira zitandukanye.

²⁸ Noneho iri joro, mu minota mike iri imbere, ndashaka gufata ingingo igira—igira iti: *Ijwi ry'Ikimenyetso*. Noneho ibyacu birarambuye, iri joro, mu gitabo cyo Kuva, kandi kuva bisobanura "gusohoka; gushyirwa hanze." Noneho mugerageze gutega amatwi neza uko mubishoboye.

²⁹ Ndashaka kubabwiriza mu gihe runaka, muri iteraniro ryiza, ariko simfite ijwi. Gusa mfite umutwaro kuri ibyo, kandi nzi icyo byaba cyo. Ngomba kuruhuka gato ubu, iminsi umunani cyangwa icumi, mbere y'uko ntangira amateraniro y'ubutaha. Murareba, gusa ntabwo ari iri materaniro rya hano ryonyine. Ni amateraniro, umunsi ku munsu, icyumweru ku kindi, ukwezi ku kundi, umwaka ku wundi, murareba, mushobora kubitekerezaho.

³⁰ Kandi mutekereze ibihe byose, umwaka ku wundi, nta na rimwe Yigeze avuga ikintu na kimwe kidatunganye, kitari ukuri gusobanutse; mu ndimi zose, kw'isi yose, inshuro zirindwi. Murareba? Nta muntu n'umwe, nta hantu na hamwe, mushobora kuvuga ko bitagenze neza, nk'uko bikwiye, buri gihe. Iyo Avuze ikintu runaka kibaho, gisohora uko cyakavuzwe. Mubivuge ibyumweru n'amezi, n'imyaka, ndetse, mbere y'uko bibaho, kandi buri gihe biba byiza ku kadomo. Ntimuzigere na rimwe munanirwa, kandi ntabwo bizigera bibaho, 'kubera ko iyo ari Imana. Noneho, nje nshobora kunanirwa, nk'umuntu. Ntimuzigere mumfatiraho urugero, kuko ndi—ndi nkamwe, gusa ndi umunyabyaha wakijijwe kubw'ubuntu. Ariko iyo ni yo Mana, irenze kamere, murareba, irimenyekanisha Ubwayo. Ntabwo Igomba gukora ibyo, ariko yasezeraniye ko Izabikora.

³¹ Yesu yakijije indwara kuko byashoboraga gusohozza Ijambo. Yakoze ibyo bintu kuko Ijambo ry’Imana ryagombaga gusohora.

³² Ni cyo Irimo gukora uyu muni, kugira ngo Ijambo nababwiye ribashe gusohora, ijoro ku rindi.

³³ Noneho nimurebe mu gihe ukugaragara Kwe kwegereje, Ni ukuri, Bizana amarangamutima. Nk’uko nabivuze muri iki gitondo, “Ikintu cyose kidafite amarangamutima kiba gipfuye.” Kandi idini iryo ari ryo ryose ritazamura amarangamutima, iryo rikwiye guhambwa, riba ripfuye. Rizana amarangamutima. Adusubizamo ubugingo. Ariko iyo dusubijwemo ubugingo, twibuka icyadusubijemo intege. Cyakoze iki? Ni ukugaragara k’Umwuka Wera, Yesu Kristo ari hagati yacu, ariyerekanaga Ubwe ko Ari muzima. Ntabwo ari umubiri; icyo gihe, ubwo umubiri w’umubiri uzagaruka uva mw’Ijuru, nta gihe kizaba kikiriho. Ibyo ni ibyawe byose. Kandi tuzi ko turimo, turih mu minsi ya nyuma, mu gihe ibi bintu bigomba kuba.

Noneho, Imana yagize gusohoka kwa mbere. Hariho . . .

³⁴ Ibintu byose bigenda muri bitatu, hamwe n’Imana. Imana yatunganijwe muri gatatu. Kuza kwa mbere kwa Kristo, ni *ugucungura* Umugeni We; ukuza kwa kabiri kwa Kristo, ni *ukwakira* Umugeni We; ukuza kwa gatatu kwa Kristo, ni ukubana *hamwe* n’Umugeni We, gutegeka mu myaka igihumbi. Ibintu byose bigenda muri gatatu.

³⁵ Noneho, habaye, hazabaho, gusohoka gutatu. Kumwe muri ko, Imana yabazanye *mu* nkuge, kugira ngo bahunge, bagendere hejuru y’isi. Ukwakurikiyeho, Imana yabajanyanye *hanze* ya—ya Egipta. Maze ugukurikiyeho, Imana *irabatwara*. Imbere, hanze, hejuru! Ugusohoka gukurikira ni ukuzamuka. Turimo guhura n’igihe ubungubu, igihe cyo kuzamuka.

³⁶ Kimwe nk’ubuzima bukora ikintu kimwe. Twinjiye *mu* buzima, tuvuye *mu* buzima, tuzamuka *mu* buzima, neza neza ikintu nk’icyo. Turi rero . . .

³⁷ Iyo nkuru yacu turayivugaho muri iri joro mu kuva, kandi Imana yari yiteguye gufata ubwoko Bwayo.

³⁸ Isiraheli ni ishyanga. Imana ntabwo ikorana na Isiraheli nk’umuntu ku giti cye. Isiraheli ni ishyanga, Ihora ikorana na bo. Kandi mu minsi ya nyuma, nyuma yo—yo kuzamurwa kw’Itorero, noneho Imana izakiza Isiraheli nk’igihugu. Ni mu gihugu cyababyaye ubu, barabyiteguye. Kandi bazakizwa, Bibiliya irabivuga, “Igihugu kizavuka umunsi umwe.” Imana ntishobora gukorana n’abayahudi nk’umuntu umwe. Ikorana na bo nk’igihugu, Isiraheli, buri gihe, kuko ni igihugu Cyayo.

³⁹ Kandi hano Irimo kwitegura gukura ubwoko bwayo mu gihugu, mu guhunga, gukura ubwoko bwayo mu rubanza.

⁴⁰ Amazi nyine yarohamishije isi, akiza Nowa. Murareba? Kandi ni wo Mwuka Wera cyane, abantu banze uyu muni,

azakira Itorero arizamure, hanyuma azane urubanza ku batamwizera.

⁴¹ Yesu yaravuze, igihe bamwitaga, “Belizeburi,” mu yandi magambo, Yari “umuntu uvuga amagambo meza,” bo... Yaravuze ati: “Nzakubabarira kubw’ibyo,” (Umwana w’umuntu, igitambo nticyatanzwe.) “ariko Umwuka Wera naza agakora ikintu nk’icyo, ijambo rimwe rimurwanya ntabwo rizigera ribabwirwa kuri iyi si cyangwa se mw’isi izaza.”

⁴² Agomba kwangwa, hanyuma urubanza rukaza nyuma y’ibyo. Murareba, ikibazo ni twe...

⁴³ Kinshyize mu bitekerezo by’igihe kimwe ku nkuru nasomye, y’umusare ushaje uturuka mu nyanja, n’u—umusore w’umusizi w’Umwongereza wari ugiye ku nyanja. Umusizi rero yari yanditse byinshi ku byerekeye inyanja, ariko ntabwo yari yarigeze ayibona, nuko yari mu muhanda umanuka. Umunyu ushaje uramubwira, afite inkono y’itabi mu kanwa, uti: “Uragana he, muntu wanjye mwiza?”

⁴⁴ Aravuga ati: “Ndamanuka ngana ku nyanja.” Aravuga ati: “Sinigeze nyibona. Nabyanditse, n’ibyo abandi bavuze, ariko,” ati: “yewe, ndishimye cyane kumenya ko ndi hafi y’inyanja.” Aravuga ati: “Yoo, kwihumuriza aya mazi y’urwunyuyu! Kubona ubugari bwayo bunini, urubogobogo ruturuka hejuru, hamwe n’ikirere cy’ubururu cyigaragaza, kandi wumva imigezi uko itemba, yewe, nshimishijwe no gutekereza kubibona!”

⁴⁵ Icyunyu gikuze cyo mu nyanja kiravuga kiti: “Navukiye kuri iyo nyanja, hashize imyaka mirongo itandatu, nta kintu na kimwe mbona cyiza kuri yo.” Murareba, cyari cyarabonye byinshi byayo kugeza kiyigize akamenyero.

⁴⁶ Noneho ni cyo kibazo cy’itorero rya Pentekote uyu muni. Babonye Imana cyane, kugeza igihe Imana imaze kuba akamenyero kuri bo. Ntuzigere ukora nk’ibyo!

⁴⁷ Hano ntabwo hashize igihe kirekire, i Louisville, Kentucky, aho nkomoka, Jeffersonville, Indiana, ni hakurya y’umugezi, umudamu yajyaga mw’iduka ry’amasentime-icumi. Kandi yari, yari afite akana k’agahungu mu kuboko, yari agiye kuri kontwari nuko aratangara cyane. Yatoraguye ikintu, acyereka uwo mwana w’umuhungu; yari yicaye ari kwitegereza. Ajya ku yindi kontwari, atora ikintu acyereka uwo mwana muto w’umuhungu; we akomeza kwitegereza gusa. Nyuma y’igihe gito, afata inzogera ntoya atangira kuyizunguza, ariko umwana agakomeza kwitegereza. Nuko atangira kuvuza induru, arambura ibiganza bye. Abantu bari mw’iduka ry’amasentime-icumu baramurebaga, nuko baramwegera kugira ngo bamenye ikitagenda neza.

⁴⁸ Aravuga ati: “Mfite... Umuhungu wanjye muto,” ati: “afite imyaka itatu gusa.” Ati: “Na... Byose icyarimwe, hashize hafi umwaka, afata umwanya akicara gusa akitegereza mu

kirere.” Ati: “Na—namujyanye kwa muganga,” ati: “na muganga yategetse imiti n’ibindi.” Ati: “Dogiteri yambwiye, uyu munsu, ko yibwiraga ko amerewe neza. Ariko,” ati: “ntabwo amerewe neza.” Ati: “Najunguriye ibintu byose imbere ye, bigomba gukurura umwana w’umuhungu wo mu kigero cye, ngo abyiteho. Ikintu cyose cyakurura umwana muto wo mu kigero cye, Nakizunguje imbere ye, maze aricara gusa yitegereza umwanya.” Aravuga ati: “Ntabwo amerewe neza.”

⁴⁹ Ni cyo kintu kimeze nk’itorero rya Pentekote. Imana yacuncumuriye impano zose, muri Bibiliya, imbere yabo, ariko baricara bareba mu kirere, nk’aho byari ibintu bibi. Igihe kirageze ko twabyuka, nshuti, mbere bitaratinda. Nimwibuke, Imana ntizunguza izo mpano keretse iyo igerageza gukurura ibitekerezo byanyu.

Imana yakuraga ishyanga mu gihugu.

⁵⁰ Nk’uko Irimo kubikora ubu, Igiye kuvana Umugeni mw’itorero, isige urubyaro rwose rw’umugore. Abatoranyijwe bazavanwa mw’itorero. Itorero risanzwe rizaguma hano rinyure mu mibabaro. Izo ntore rimwe na rimwe zitwa “abatoranyijwe, abatowe, abasigaye.”

⁵¹ Reka turebe uko Yabikoze icyo gihe, kuko Itigera ihindura uburyo Bwayo bwo gukora ibintu. Imana ifite inzira imwe yo gukora ibintu, kandi n’uburyo Ibikoramo, kandi iyo ni yo nzira nziza, buri gihe. Murareba uko Yabikoze, n’uburyo Yabikozemo, hanyuma dushobora kubona incamake y’ibi.

⁵² Noneho, Ndi umuhanga mu kugereranya, rwose. Ntabwo nize. Ngomba gusubiza amaso inyuma nkareba icyo Yakoze. Kandi twigishijwe ko, “Isezerano rya Kera ryari igicucu cy’ibintu bizaza.” Niba rero narebye hano ntigeze mbona ikiganza cyanjye, nkabona igicucu cy’ikiganza cyanjye, kandi mfite intoki eshanu, Nagira igitekerezo cyiza ko ikiganza cyanjye cyagezeyo, nagize intoki eshanu. Ibyababaye rero ni ingero z’uburyo Imana ikora ibintu, uburyo Ibikora nonaha.

⁵³ Kandi uburyo Ibikora, Ntabwo ijya Ihinduka uhereye muri byo. Igihe cyose, binyuze muri Bibiliya, ntabwo yigeze Ihindura uburyo Bwayo bwo gukora ibintu. Ikomeza kimwe, kuko inzira Yayo ya mbere yo kubikora ni inzira nziza. Kubera ko, ntabwo Yashoboraga kugira ubundi buryo, kuko Iratunganye, kandi, Yo, inzira Zayo zose ziratunganye. Nimwitegereze uko Yabikoze.

⁵⁴ Mose yarahamagawe kandi asabwa gufata aka kazi ako yari, yari afite—yari yafashe. Imana . . .

⁵⁵ Noneho, ngira ngo, niba uzabisabira imbabazi . . . Kandi ibi simbivuze nihuta. Ndavuga gusa, ndi kuri uru ruhimbi, njye—njye ntacyo nzi kandi nta kindi nshaka kumenya uretse Imana. Noneho, ngira ngo hari aho abavandimwe bacu bo muri Letter Rain bibeshye, murareba, barambikanaho ibiganza babagira abahanuzi n’ibindi. Noneho, ibyo ntabwo ari Ibyanditswe.

“Impano no guhamagarwa ntibigombera kwihana.” Wavutse uri icyo uri cyo cyose. Uri, mu ntangiriro, icyo uri cyo.

⁵⁶ Nimwitegereze abo Bafarisayo mu minsi yo hambere. Bafite urumuri ruke, kuko bashoboraga... bari bafite amategeko, kandi bakabaho bakurikiza amategeko, ariko inyuma mu mitima yabo hari umwijima mu buryo bushoboka.

⁵⁷ Kandi hariho umugore muto, w'indaya, ubwoya bwe... ubuzima-bwa mbere kugeza *ubu* bwari umwijima mu buryo bushoboka, yari azwi cyane, ariko ku mutima we yari yarateganirijwe ubugingo.

⁵⁸ Hanyuma, igihe Yesu, Ijambo, yageraga aho hantu, abo Bafarisayo baravuze bati: “Uyu mugabo ni Belizeburi.” Yakoze iki? Byirabuje urumuri ruto bari bafite.

⁵⁹ Yesu yaravuze ati: “Mukomoka kuri so, satani, n'imirimo ye mukora.”

⁶⁰ Ariko ubwo uyu mugore muto, mubi yazaga, akabona Ijambo ry'Imana, yararimenye. Ntabwo yarigendeyemo, ariko yari arizi. Kandi akimara kumuvugisha, yaravuze ati: “Ndabona Uri Umuhanuzi.” Maze na We... Aravuga ati: “Nzi ko Mesiya naza azabikora ibi.”

Na We ati: “Ndi We.”

⁶¹ Byakoze iki? Byahanaguye umwijima kandi byose abihindura ibyera. Kubera iki? Hano hari imbuto iharambitse, imbuto yatoranyijwe yari mu... Byari ibitekerezo by'Imana mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.

⁶² Hariho uburyo bumwe gusa bw'ubugingo bw'iteka. Niba ufite ubugingo bw'iteka, noneho wowe ubwawe wari mu bitekerezo by'Imana mbere y'uko isi iremwa. Muri ikiranga ibitekerezo Byayo, 'kuko Uwiteka atagira itangiriro cyangwa ngo agire iherezo. Uri igice cy'ubukungu bw'Imana, buri gihe. Birigaragaza. Ni igihe nonaha. Babonye indi shusho imwe yo kuganiraho, urwo ni urupfu, noneho ibyari bibi biba byiza, noneho uri mu Mugeni hamwe na Kristo, nk'uko yabitekerezaga. Kimwe n'umugabo n'umugore, uyu munsu, ni ko Imana, Kristo n'Itorero bizaba kimwe. Noneho, abatowe, bahamagawe!

Mose yaravutse, “umwana ukwiye.”

⁶³ Bibiliya ivuga, ko, umwe mu bahanuzi, Yeremiya, Imana yaravuze iti: “Mbere y'uko uremwa mu nda ya nyoko, nakugize kuba umuhanuzi w'igihugu.”

⁶⁴ Yohana Umubatiza, kubera iki, yamenyekanye mu Byanditswe Byera. Yesaya, imyaka magana arindwi na cumi n'ibiri mbere y'ukuza kwe, aravuga ati: “Ni ijwi ry'urangururira mu butayu, 'Mutegure inzira y'Uwiteka!” Kandi imyaka igera kuri magana ane mbere y'uko agaragara, twongeye kubona, Malaki aravuga ati: “Dore nohereje intumwa Yanjye mbere Yanjye, gutegura inzira mbere y'Uwiteka.”

⁶⁵ Murareba, yari yarateganijwe mbere. Kandi ni ko bimeze kuri ibyo biro byose by'Imana, niba byitwa iby'Imana.

⁶⁶ Niba barigiye muri byo, ni abasirikare ba baringa gusa, murareba, ntacyo bari cyo. Niba ari itike yo kurya, noneho mugurisha uburenganzira bwanyu bw'amavuko kugirango mubone itike yo kurya, muzatandukana kugira ngo mujyane n'shyirahamwe cyangwa itsinda runaka. Ariko niba ari iby'Imana, muzahagarara kuri iryo Jambo, mutitaye, kuko mwavutse muhagaze iruhande Rwayo.

⁶⁷ Mose, nta wundi washoboraga kumusimbura. Nta wundi washoboraga gukora ako kazi. Yahawe inshingano zo kubikora.

⁶⁸ Kandi, bavandimwe, bashiki banjye, niba mufite ubuzima bw'iteka, mwashyiriweho gukora ikintu runaka. Wenda umugore mwiza wo mu rugo, wenda se ikindi, ariko nta muntu n'umwe ushobora gufata umwanya wawe. Imana yakugize ikibanza. Ntugerageze gufata umwanya w'undi. Ni byo kwigira umubiri, murareba, byerekana ko hari ibitagenda neza kuri wowe. Ba icyo uri cyo, neza neza. Ntukabe ikindi kintu.

⁶⁹ Noneho, ubu tumenye ko Imana yahaye Mose ibimenyetso byerekana imigambi ye n'umuhamagararo.

⁷⁰ Kandi ibimenyetso byose by'ukuri, ibimenyetso byose by'ukuri, byoherejwe n'Imana, ibi... bifite ijwi ribiherekeje. Noneho ntimunaniirwe. Iri ni isomo ryanjye rya nyuma kuri iyi ngingo, murareba. Ikimenyetso cyose cy'ukuri... Noneho dufite ibimenyetso bidaturuka ku Mana; Satani ashobora kwigana ikintu icyo ari cyo cyose gihari. Ariko ikimenyetso nyacyo, cyoherejwe n'Imana, kigira Ijwi ry'Imana rigiherekeje.

⁷¹ Imana ibwira Mose iti: "Niba batazemera ijwi ry'ikimenyetso cya mbere, noneho kora iki kimenyetso kindi imbere yabo. Noneho ibyo nibatabyumva, uzafate amazi uyasuke hasi." Kandi icyo cyari ikimenyetso cy'uko bari kwibizwa hariya mu maraso yabo.

⁷² Icyitonderwa, kandi nk'uko Yabivuze, "Mukunkumure umukungugu wo mu birenge byanyu. Byakwihanganirwa kuri Sodomu na Gomora, uwo muni, kuruta uko bizaba kuri uwo mujyi wakwanze."

⁷³ Ubu ntabwo *dukinisha* itorero, iri ni Itorero. Kristo ni Itorero. Turi muri Kristo. Mu Mubiri w'amayobera wa Kristo, twavukiyemo. Ntushobora kuwinjiramo.

⁷⁴ Nabanye n'umuryango wa Branham imyaka igera kuri mirongo itanu n'itanu, kandi ntibigeze bansaba kwinjira mu muryango. Navutse ndi Branham.

⁷⁵ Kandi ubwo ni uburyo bwo kuba Umukristo. Wavutse uri Umukristo, ntiwinjiyemo. Wavukiye muri byo. Abantu bose batinya kubyara. Bafite uburyo bwiza busukuye bwo gufata ikiganza gito, cyangwa gusinya ikarita nto, cyangwa umunyu

ufite amazi muri wo. Ntabwo ari ivuka. Kubyara ni ikintu giteye ubwoba. Ivuka ni i—ikintu giteye ishozi. Sinzi niba ari umutonzi w'ingurube, cyangwa i—cyangwa inzu y'ububiko, cyangwa mu cyumba cy'ibitaro cyijimye; kuvuka ni akajagari, kandi bigutera akajagari. Ntushaka kubireka, ntushaka *ibi*, *ibyo*, cyangwa *ibindi*, ariko amarira azahanagura ubwiza mu maso yawe akugire umuntu utandukanye. Niba waravutse ubwa kabiri, bizagutera akajagari, ariko uzavamo ikiremwa gishya. Murareba? Ntibashaka ibyo. Bashaka inzira yoroshye, murabizi, kandi nta nzira yoroha. Nka ya ndirimbo, igira iti: “Nzafata inzira hamwe n'ugusuzugurwa k'Umwami.” Ntashaka kuba igihingwa kitera.

Ikimenyetso cyose cy'ukuri cy'Imana gikurikirwa n'ijwi ry'Imana.

⁷⁶ Noneho niba umuntu atanga ikimenyetso mu gihugu, cyangwa igihe icyo ari cyo cyose, kandi iryo jwi avuga inyuma ukumva atari Ijambo ry'Imana, noneho byitegereze, ntubyizere. Niba hari ishuri rya kera, niba umuntu ahagurutse akavuga, yerekana ikimenyetso kiva ku Mana, hanyuma inyigisho z'umuntu ni tewolojiya ishaje mwagize muri iyi myaka yose, Imana ntiyigeze yohereza icyo kimenyetso. Musubize amaso inyuma mu Byanditswe maze murebe niba ari byo. Mushakishe Ibyanditswe. Umusore aragaruka, ati: “Ubu twese turashaka kwinjira muri *ibi*. Ni inkuru ishaje.” Ntimubyizere. Tugiye kubyinjiramo, mu minota mike, murareba. Oya, ntimubyemere.

⁷⁷ Imana ihora yemeza ibimenyetso Byayo. Ikimenyetso kiva ku Mana iteka gihora kivuga Ijwi ry'Imana.

⁷⁸ Niba kandi ari ryo shuri rishaje wagize, kuki Yatanga ikimenyetso? Usanzwe urimo. Arimo kugerageza kubageza kuri iyo nzira. Muhagarike ikimenyetso! Mugende buhoro! Murebe aho mugana! Muzijugunya hanze y'inzira niba mutarebye neza. Hano hari umurongo utyaye, kandi buri gihe ni ikimenyetso mbere y'uko mukora uyu murongo, kugira ngo mwirinde gusenyuuka. Abubaka umuhanda mwiza batanga ibimenyetso. Kandi tugenda mu muhanda ugana mu Bwiza. Niba kandi ikimenyetso kivuga kuri cya kintu kimwe gishaje, ntabwo kiba cyaturutse ku Mana.

⁷⁹ Imana itanga ibimenyetso byo gukurura abantu Bayo. Ibimenyetso akamaro kabyo ni ugukurura abantu b'Imana, ni byo bimenyetso by'Imana. Ibimenyetso by'Imana bitangwa kugira ngo bikurure ubwoko bw'Imana.

⁸⁰ Noneho hano igihuru cyaka cyari ikimenyetso cyo gukurura umuhanuzi, kugerageza, kuko umuhanuzi yari yarahunze Imana, kandi Imana yatanze igihuru cyaka kugirango kube ikimenyetso. Nuko abona iki kimenyetso kidasanzwe; aravuga ati: “Nzahindukira ndebe icyo kimenyetso kidasanzwe icyo ari cyo, uko i—igihuru gishya kandi ntigikongoke.” Noneho

Imana yakururaga ibitekerezo by'umuhanuzi Wayo wahunze. Yashoboraga kubona undi, ariko yategetse Mose gukora akazi kandi nta wundi uzamusimbura.

⁸¹ Mu rugendo, abandi bagenzi bamwe bagerageje kubikora, murabizi. Datani yarahagurutse ashaka gushinga umuryango hanze yawo. Imana yabwiye Mose iti: “Witandukanye. Nzabamira bunguri.” Murareba?

⁸² Imana ikorana n'umuntu ku giti cye. Murareba? Noneho mumenye ibi, Yagerageje gukurura ibitekerezo by'umuhanuzi, kugira ngo ashyire umuhanuzi mu mwanya we, murareba, kandi yatanze ikimenyetso cy'igihuru cyaka.

⁸³ Kandi, murebe, Ijwi ryakurikiye ikimenyetso ni Ijwi Ryanditswe. “Numvise induru z'ubwoko Bwanjye, n'imiborogo yabo, kubera abashinzwe imirimo, none nibutse amasezerano Yanjye.” Amina. Ibyo birakemutse. “Nibutse amasezerano.” Iryo ryari Ijwi ryo mu Byanditswe. “Kandi ndagutumye. Namanutse kubabohora, kandi ndagutumye.”

⁸⁴ Mwibuke, Imana ntacyo ikora idakoresheje umuntu. Ibyo murabizi? Ni byo bigusha abantu. Murareba?

⁸⁵ Ni byo byatumye basitara kuri Yesu. Bati: “Uri Umuntu, ukigira Imana.” Yari Imana, ariko ntibashobora kubyumva. “Ni byiza, Wowe, uri Umuntu gusa.”

⁸⁶ Aravuga ati: “Mwita abahanuzi, ‘imana,’ kandi n'amategako yanyu nayo arabihamya. Niba mubahamagara ‘imana,’ Ijambo ry'Imana ni inde, ni inde ushobora kuncira urubanza mvuze ko ndi Umwana w'Imana?”

⁸⁷ Murareba, ibimenyetso, kugira ngo akurure ibitekerezo. Kandi, mwibuke, niba ibitekerezo bikuruwe kandi mugakomeza kuba wa murongo umwe wa kera, ntabwo aba ari Imana.

⁸⁸ Ariko Imana igerageza kwiye gereza umuhanuzi noneho, ikamuha ikimenyetso, kandi Ijwi rikurikira ikimenyetso ni Ijwi Ryanditswe. “Nabonye abantu. Numvise amarira yabo. Nibuka amasezerano yanjye.”

⁸⁹ Noneho Imana igiye kuvuga Ijambo Ryayo ryasezeranijwe. Igomba kohereza umuhanuzi Wayo, kuko Ijambo riza ku muhanuzi. Bibiliya iravuga, Imana iravuga, Ubwayo, ko, “Ntacyo ikora itabanje kubimenyesha abagaragu Bayo ari bo bahanuzi.” Murareba? Hanyuma, ikimenyetso cyatanzwe, kandi Ibyanditswe na byo byaramenyekanye, iryo ni Ijwi ry'ikimenyetso.

⁹⁰ Murareba Ijwi ry'ikimenyetso, cya Mose? Ubwa mbere, ikimenyetso cyari igihuru cyaka; Ijwi ryari Ibyanditswe.

⁹¹ Mose yabifashe nk'ikimenyetso cye, amanuka muri Egipta akora ikimenyetso Imana yamubwiye; kandi ikimenyetso cyari gifite Ijwi ryacyo, abantu barizera barasohoka baraza.

Igihe cyose bagendaga, bakoze neza; ariko ubwo batangiraga kwitotombera Ijwi, bahise bahagarara.

⁹² Nimwibuke, uko Isiraheli yakozze urugendo. Mwari muzi ukuntu bageze kure? Babaye . . . hari hafite ibirometero mirongo ine gusa, kandi bamara imyaka igera kuri mirongo ine bakirukora. Kubera iki? Ni ukubera ko batangiye kwitotombera Ijwi ryatanze ikimenyetso. Mbega ukuntu ntacyo bamenye, mu gihe bavuzaga induru hariya ku nkombe, bakabyina mu Mwuka, kandi Mose yaririmbaga mu Mwuka, baburaga iminsi mike gusa ngo bashyike. Ariko batangiye kwitotomba, bashaka gukora ikindi kintu; bamara imyaka mirongo ine mu butayu, barimbukira hejuru aho, ni byo, kuko batizeraga. Imana iravugaga iti: “Ntabwo ari wowe barwanya, Mose. Barandwanya Njyewe.” Iryo ryari Ijwi ry’Imana, ntabwo ryari irya Mose.

⁹³ Noneho murebe, Yehova agiye kuvuga akoresheje Ijambo Rye ryasezeranijwe, bityo agomba kohereza abahanuzi Be. Ibyo, niba mushaka kubibona, biri mw’Itangiriro 15:16. Tumenye ko Imana yabwiye Aburahamu iti: “Urubyaro rwawe ruzatura muri iki gihugu kidasanzwe, kandi nzabazanisha ukuboko kw’imbaraga. Gukiranirwa kw’Abamori ntikurarangira.” Amasezerano Yayo yose itanga, hano Irimo gukurura umuhanuzi, kubw’igihuru cyaka.

⁹⁴ Noneho iyaba igihuru cyaka cyari kuvugaga kiti: “Mose, Imana ni Imana.”

“Yego, ndabyizera.”

⁹⁵ “Yoo, urimo gukora neza, Mose, komeza. Washakanye n’umugore mwiza, ni umwana mwiza. Ni ukuri afite umuhungu mwiza! Imana ihabwe icyubahiro!” Iri ni ryo shuri rimwe. Murareba?

⁹⁶ Ariko Yari yiteguye gukora ikintu, bityo Yagombaga gukurura uwo mugabo. Kandi Iha uwo mugabo ibimenyetso bibiri byo gukora, iti: “Buri kimenyetso cyari gifite Ijwi.” Ibyo byerekana ko ari byo. Noneho murebe ibyo Amajwi yavuze, ndetse no kurema. Yehova yari yiteguye kuvuga.

⁹⁷ Na none, ukuza k’umuhanuzi ni ikimenyetso. Wari ubizi? Kuza k’umuhanuzi, kugeza ku bihe by’itorero, ni ikimenyetso.

⁹⁸ Noneho, simvuze Dogiteri mu by’Ubumana. Ntabwo nshaka kuvugaga umushumba wizerwa, umuntu mwiza. Ni byiza. Abo ni abakozi b’Imana.

⁹⁹ Ariko umuhanuzi ni ikimenyetso. Bibiliya irabivugaga hano. None se ni ikihe kimenyetso? Ni ikimenyetso ko Ijambo Ryayo ririmo gukosora kugira ngo risohore, risohozwe n’Ijwi ry’ikimenyetso cy’umuhanuzi.

¹⁰⁰ Mumenye ko, ukuza k’umuhanuzi ari ikimenyetso cyo kuburira urubanza ruri hafi. Mwari mubizi? Urubanza rwiteguye gukubita niba mu gihugu hari umuhanuzi.

¹⁰¹ Mwibuke, rwose, yabanje, kurenganurwa n’Imana ndetse n’Ijambo kuri uriya muni, hanyuma akora ikimenyetso. Hanyuma nimurebe icyo kimenyetso, ibyo gihanura. Yaravuze ati: “Niba bibaye, noneho mumwumvire.” Kubara 12:6. “Niba bitabaye, mubyibagirwe.” Bigomba kuba ari ikimenyetso cyanditswe Itanga.

¹⁰² Kandi ibyo Itanga, mu by’ukuri niba ari wawundi ejo, n’uyu muni akaba ari ko ari, kandi akaba ari ko azahora n’ibihe byose, Yakomeje kubitanga kimwe. “Ijambo ry’Uwiteka ryaje ku bahanuzi.” Bari Ijambo. Kandi igihe Yesu nawe yamanukaga, Yari Ijambo. Kandi Ijambo ryatahuye ibitekerezo n’itegeho by’umutima, udahwema, gukomeza n’ibindi. Noneho murareba.

¹⁰³ Kuza k’uyu muhanuzi, gutanga ikimenyetso, cy’uko, “urubanza ruri hafi,” buri gihe.

¹⁰⁴ Reka duhagarare mu minota mike gusa. Sinshaka gufata igihe kirekire. Reka dusuzume gusa ababili bakundanye, mu minota igera kw’icumi. Kandi ni bwo butumwa busigaye, ahubwo, mu minota icumi.

¹⁰⁵ Nowa, umuhanuzi ku gihugu mu—mu gihugu, ikimenyetso cy’urubanza ruzaza. Mose, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cy’urubanza ruzaza. Eliya, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cy’urubanza ruzaza. Yohana, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cyo guca urubanza muri Isiraheli; baraciwe rwose.

¹⁰⁶ Mwitegereze, ikimenyetso! Ikimenyetso gikora iki? Ikimenyetso ni ugukurura ibitekerezo, no gutegura intore, zikava mu nzira mbere y’uko urubanza rutangira. Ni byo Nowa yakoze, yateguye intore. ku basigaye, none se byagenze bite? Ikimenyetso, n’Ijwi ry’ikimenyetso, byamagana abatizera kandi bikabategurira gucirwa urubanza. Bituma intore zitegura guhunga. Ni cyo kimenyetso. Ni byo ibimenyetso bitangwa, ku bucanza buzaza. Ku batoranijwe, barabibona.

¹⁰⁷ Nk’umugore muto ufite umutima ukiranuka, n’umubiri wanduye; hamwe n’Umufarisayo ufite umubiri wera, n’umutima wanduye. Yamaganye umwe, akiza undi.

¹⁰⁸ Kandi imanza ubwazo zakijije Mose, zaciriye isi urubanza; ku kubwiriza kwe.

¹⁰⁹ Gutegura intore. Abatoranijwe biteguye iki? Iyo babonye ikimenyetso cyoherejwe n’Imana, basubiza amaso inyuma mu Byanditswe bakareba niba ibyo bigomba kuba bihari. “Yego, hano ni ko bimeze.” Ni ibiki? Mu gihe hagitegerejwe urubanza. Noneho abatoranijwe bumva Ijwi.

¹¹⁰ Ariko abataranijwe barirengagiza, bakavuga bati: “Ntacyo bivuze. Komeza! Tuzafata ishuri rimwe.” Murareba? Ni bwo buryo babikozemo mu gihe cya Luther. Ni bwo buryo

babikozemo mu gihe cya Wesley. Ni bwo buryo ba—babikoramo ubu, uko bahoraga bakora.

¹¹¹ Ariko ni ikimenyetso, kandi gifite Ijwi rikurikira ikimenyetso. Kandi iryo Jwi ryamenyekanye nk'ijwi Ryanditswe. Noneho ntikumukibagirwe ibyo. Noneho mukomeze ibyo, kuko nshobora kutazongerera kubabona.

¹¹² icyamba nkagira uburyo nshobora kumanuka hano ahantu hamwe nkabona bene Data bese, mu gihe batagize ububutse bukomeza, bashyiraho ihema hanyuma bakicara, umunsi ku wundi, nkabyigisha kugeza—kugeza igihe cyateganiye rwose. Ariko ntabwo Yari kubyemera, simbitekereza. Murareba, twegereje cyane imperuka. Nizera ko tuyegereje muri kano kanya.

¹¹³ Mu gitabo cyanyje aho, aho mbika ibyo maze kwandika. Mu 1933, umunsi umwe mu gitondo, niyemeje kuja mw'ishuri ryo ku Cyumweru, ishuri ryo ku Cyumweru ry'Ababatisita aho nari pasiteri, Umwuka Wera araza anyereka kugeza ku mperuka, anyereka ibintu birindwi bizabaho. Nabyanditse ahantu. Hari ku mpapuro z'umuhondo zishaje.

¹¹⁴ Ambwira neza uko Ubudage bwashoboraga kubaka uwo murongo wa Siegfried, n'uburyo Abanyamerika bari kubukubita cyane, imyaka cumi n'umwe mbere y'uko u—umurongo wubakwa.

¹¹⁵ Yavuze uko Mussolini yari kuzamuka, n'uburyo yari kwerekeza muri Etiyopiya, n'uburyo Etiyopiya yari “kugwa mu maboko ye.” Kandi ko azapfa urupfu rw'isoni, ubwoko bwe bugahindikira, bukamuciraho amacandwe.

¹¹⁶ Nanjye ndavuga nti: “Hano hari ibyiciro bitatu: Ubukomunisiti, Ubufashisime, n'Umunazi. Bose bava mu Burusiya, mu Bakomunisiti.” Kandi bizaba Cath...gusenya Gatolika. Murebe niba atari byo!

¹¹⁷ Ndavuga nti: “Iterambere nk'iryo rizabaho!” Ndavuga nti: “Ndabona imodoka zisa n'igi, zigenda mu muhanda. Hano hari imodoka zimanuka mu mihanda, hamwe n'uburyo runaka bwo kuzigenzura, ntizigombera kuziyobora. Nabonye umuryango w'Abanyamerika ukina damu uri inyuma mu modoka.” Babonye izo modoka nonaha, niba bafite umuhanda munini wo kuzinyuzamo. Volkswagen ntoya imeze nk'igi ryiza, neza neza, kandi n'izindi modoka zose. Ntushobora kwiyumvisha ukuntu, mu 1933, uko imodoka zasaga, kugeza ubu?

¹¹⁸ Hanyuma Yongeye guhanura, ko, kwemerera abagore gutora, ari cyo kintu bazakora. Ni gute burya iki gihugu, cyaba ubwoko, nka Isiraheli, Injira mu gihugu wirukane abacyirimo, maze uzungure igihugu. Kandi abami bake ba mbere bari bafite, Dawidi na Salomo, bari abami-batinyaga Imana. Hashize igihe, bagira Ahabu ku ngoma. Baramutoye. Intebe y'ubuyobozi

ihinduka . . . itorero rihinduka iry'isi. Kandi, twagize Lincoln na Washington, murebe uko bimeze uyu munsu. Murebe aho tugana ubu. Ikintu gikurikira kuri he? Turi mu gihe cya nyuma.

¹¹⁹ Kandi ni ikimenyetso, mu bisanzwe, neza ni ukuri. Itegura intore; kandi ikajyana abatizera, bakanyura mu rubanza.

¹²⁰ “Niba uyu muhanuzi ari umuhanuzi w'ukuri, kandi ibyo avuga bigasohora,” Bibiliya irabivuga, mu Kubara 12: 6, “nimwumve umuburo we, kuko byemejwe ko atari umuntu.” U—umuhanuzi ni umuntu. Ariko Ijwi riva mu kimenyetso ndengakamere ni Ijwi rishingiye ku Byanditswe, ryemejwe, noneho ni umuburo.

¹²¹ Bibiliya yanditswe n'abahanuzi, murabyibuka. Muri Petero wa kabiri, naho, 1:21. Mu Baheburayo 1: 1, naho.

¹²² Inkingi y'Umuriro, kuri Mose, cyari ikimenyetso, Ijwi ryari rigiye kuvuga. Inkingi y'Umuriro yerekanye ko Ijwi rigiye kuvuga. Ni cyo kimenyetso, Inkingi y'umuriro. Mwebwe abantu mukwiye kwibuka ko kuva Houston, nta gihe gishize.

¹²³ Mose, umuhanuzi, yari ikimenyetso kuri Isiraheli, ko amasezerano yari yiteguye gusohozwa. Mose yaramanutse akora ikimenyetso cy'umuhanuzi, bamenya ako kanya ko azabakoranyiriza hamwe.

¹²⁴ Mbega ukuntu Ijambo ry'Imana ritunganijwe neza, kimwe buri gihe. Nk'uko nabivuze mw'ijoro ryakeye, uko Urimu na Tumimu, n'ibindi byose, buri gihe byari igisubizo ku Mana.

¹²⁵ Reka twongere dufate umuhanuzi, akanya gato, Yona. Nari mfite igice cya 1 cya Yona cyanditse hano, igice cya 1 hano cy'ubuhanuzi bwe. Yona asohoka mu nda y'ifi, yari ikimenyetso. Murareba, abantu bari abatizera. Basengaga imana zo mu nyanja, kandi imana yabo yo mu nyanja yari balene.

¹²⁶ Uyu munsu abantu benshi bagerageza kwamagana Yona. Njye nkunda gushyigikira Yona. Yona ntabwo yari hanze y'ubushake bw'Uwiteka. “Intambwe z'abakiranutsi ziyoborwa n'Uwiteka.” Turashaka kuvuga tuti: “Ni Yona.” Ariko reka tubifate gusa . . . tubihe agaciro, rimwe. Nzi ko yagombaga kujya i Nineve, ariko Imana yamutegetse kujyana n'ubwo bwato i Tarushishi. Kandi yagize ikibazo cyo kuzamuka ku nyanja.

¹²⁷ Yona aravuga ati: “Muhambire amaboko n'ibirenge. Ni njye ufite ibibazo, ni jye wabiteye.” Bamujugunya hanze. Kandi ifi yari irimo koga mu mazi, ifi nini yamize Yona. Nzi ko ibyo bigoye kubyemera.

¹²⁸ Hano ntabwo hashize igihe kinini, i Louisville, Kentucky, hashize imyaka igera kw'icumi, bafite ba—balene irambitse ku—ku kintu. Kandi hariya Ricky mutoya, yari afite ubwenge burenze ubwo yari azi kugenzura. Yagerageje kuvuga Bibiliya mu binyoma. Yaravuze ati: “Murabizi, mwumvise wa mugani wa Bibiliya wa kera, ko balene yamize Yona.” Yaravuze ati:

“Murareba, ntushobora kuyishyira umupira mu muhogo, wari muto cyane. Ni gute umuntu ukuze ashobora kujya mu nda yayo?” Aravuga ati: “Urabona, ni wa mugani wa kera gusa, nka yayindi yuzuye muri Bibiliya.”

¹²⁹ Ibyo byari bihagije ku—ku bitekerezaho byanjye. Nдавуга nti: “Nyakubahwa, ndashaka kugira icyo mvuga hano.”

Aravuga ati: “Waba ushaka kuvuga iki?”

¹³⁰ Nдавуга nti: “Urabona, ntabwo wasomye Bibiliya neza.” Nдавуга nti: “Bibiliya yavuze ko iyi ari balene idasanze. ‘Imana yateguye ifi nini.’ Iyi yari yubatswe bidasanze, kumira bunguri, ni byo byayifashije kubigeraho! Ntabwo yari ifi isanze. Imana yari igiye gukora umurimo udasanze, nuko ibona ifi idasanze.” Murareba? Ntiyongeye kubivuga icyo gihe. Rero, ibyo, Imana yari ifite ikintu cyihariye.

¹³¹ Nk’umukobwa muto, igihe kimwe, avuye ku rusengere; umusatsi we mucye usokoreye inyuma, kandi unyerera, bihagije kugeza ubwo mw’isura ye nto yasaga nk’igitunguru gisekuye. Yari afite Bibiliya gusa, aramanuka.

¹³² Uyu musaza witwa Jim Dorsey yabaga muri Utica. Yari umutizerwa, umusirikare ushaje, kandi—kandi ntiyizeraga Imana. Na we ati: “Urajya he, mukecuru?”

Aravuga ati: “Ngiye mu rugo, mugenzi.”

Aravuga ati: “Ni iki utwaye mu maboko yawe?”

Aravuga ati: “Ni Bibiliya.”

Nдавуга nti: “Ntabwo uyizera, si byo?” Na we . . .

Aravuga ati: “Ni byo, ndayizeye, mugenzi.”

¹³³ Maze ndavuga nti: “Wizera iyo nkuru irimo hariya ku byerekeye balene imira Yona?”

Aravuga ati: “Kubera iki, byanze bikunze, nizera buri Jambo ryayo ryose.”

¹³⁴ Aravuga ati: “Ni gute wabigaragaza mu bundi buryo usibye kwizera, icyo wita kwizera?”

“Kubera iki,” aravuga ati: “ningera mw’Ijuru, nzabaza Yona.” Murareba?

Aravuga ati: “Bizagenda bite se niba azaba adahari?”

¹³⁵ Aravuga ati: “Noneho ugomba kumubaza.” Natekereje rero ko ari bwo buryo bwiza bwo gukosora. None rero ndatekereza ko ibyo ari byo biyanye.

¹³⁶ Niba Bibiliya ivuga ko Yona yamizwe na balene, ndabyizera. Yashoboraga kubitegura. Ibyo Imana yavuze, Imana irabishobora, kandi ihora ikomeza Ijambo Ryayo. Yona rero, turamusebya . . .

¹³⁷ Ariko wigeze ubibona? Ifi iyo irimo koga, iba ihiga ibiryo byayo. Hanyuma iyo irya, iramanuka ikamanuka ikaruhukira

ku ndiba y'inyanja hasi. Uzagaburire ifi yawe yo mu bwoko butukura maze urebe uko bigenda. Zirarya zigahaga, noneho zikamanuka zikajya kuruhukira hasi mu ndiba y'inyanja, hanyuma zikaryama zikaruhuka.

¹³⁸ Ni byiza, iyi fi nini yateguwe yaraje imira uyu muhanuzi. Nuko imanuka hasi mu nyanja, ahari muri metero mirongo ine. Imanuka, iruhukira muni y'inyanja.

¹³⁹ Noneho duhora dutekereza kuri Yona. Abantu bose baravuga bati: "Noneho baransengeye, ariko ukuboko kwanjye ntigukira. Baransengeye, ariko sindumva merewe neza." Ntuzigere ugira icyo uvuga kuri Yona.

¹⁴⁰ Noneho reba ibimenyetso yari afite. Noneho, icya mbere, yari hejuru y'umuraba w'inyanja, kandi yari yavuye mu nzira Imana yamutumyemo. Amaboko n'ibirenge byari biboshye. Yajugunywe mu nyanja irimo umuyaga mwinshi, umujinya mwinshi, maze balene imumira bunguri, iramanuka ijya mu nsi y'inyanja. Kandi yari aryamye aho mu birutsi, mu nda ya balene, ibyatsi byo mu nyanja bimuzengurutse ijosi. Niba kandi yararebye *atya*, yabonaga inda ya balene. Yareba *atyo*, akabona inda ya balene. Ahantu hose yarabaga, ni inda ya balene gusa. Muravuga ku byerekeye ibimenyetso, ashobora kuba yari abifite. Ariko muzi icyo yavuze? Yaravuze ati: "Barabeshya pe. Sinzongera kubareba, ariko nzongera kureba ku rusengero rwawe rwera."

¹⁴¹ Kubera ko, Salomo, umuntu usanzwe kwisi, wasenze wegurira Imana urusengero, ati, "Mwami, niba ubwoko Bwawe bugize ibibazo ahantu hose, bukitegereza aha hantu hera, noneho ujye ubumva uri mw'Ijuru."

¹⁴² Kandi Yona yizeraga ibyo Salomo yasenze. Imana imukiriza muri balene, nyuma y'iminsi itatu n'amajoro atatu. Ashobora kuba yarashyizemo ihema rya ogisijeni. Sinzi icyo yakoze, ariko yamukomereje kubaho iminsi itatu n'amajoro atatu, nk'uko Ijambo ribivuga. Kandi Ijambo ni ukuri.

¹⁴³ Ni byiza, niba Yona, muri ibyo bihe, yashoboraga kongera kureba kw'ihema umuntu yakoze, mbega ukuntu wowe na njye, muri iri joro, tureba Urusengero aho Yesu ahagaze iburyo bwa Nyiricyubahiro, n'Amaraso Ye Bwite, atakambira imirimo yacu, ku bimenyetso byacu bito! Ntimugacire urubanza Yona, icyo gihe mujye mureba ibitagenda neza. Murebe amasezerano, "Imana yarabivuze!" Niba muri abana ba Aburahamu, "Imana yarabivuze!" Yatanze amasezerano, kandi irayakomeza.

¹⁴⁴ Mumenye ko, abantu bose bari hanze baroba, bakurura inshundura zabo n'ibindi. Nyuma y'igihe gito, haza Umutware w'inyanja, balene, yihuta yerekeza ku nkombe. Abantu bose barapfukamyemo. Imana izi gukora ibintu. Igeze ku nkombe, isohora ururimi, kandi, imaze kubikora, haza umuhanuzi agenda asohoka ava mu kanwa ka balene. Umuhanuzi! Ya mana

yaciriye umuhanuzi ako kanya ku nkombe. Ntibitangaje kubona barihannye. Murareba?

¹⁴⁵ Icyo cyari ikimenyetso. Yona yarokowe na baleine, cyari ikimenyetso. Yakoze iki? Icyo cyari ikimenyetso kiva ku Mana. Ijwi ryavuze iki? “Nimwihane cyangwa murimbuke, mu minsi mirongo ine.” Ikimenyetso cy’Imana; Ijwi ry’Imana! Buri gihe, iyo Imana yohereje ikimenyetso, Imana yohereza Ijwi Ryayo nyuma y’icyo kimenyetso. Icyitonderwa, “Nimwihane, cyangwa mu minsi mirongo ine uyu mujiy wose uzarimbuke.”

¹⁴⁶ Yohana umuhanuzi agaragara kw’isi, nyuma y’imyaka magana ane badafite umuhanuzi; ikimenyetso nyuma y’imyaka magana ane, ye aragaragara. Icyo gihe gito!

¹⁴⁷ Noneho niba uri uw’umwuka uzafata ibyo mvuga. Imana ikingure imyumvire yawe. Bimaze igihe kingana iki?

¹⁴⁸ Imyaka magana ane, Isiraheli idafite umuhanuzi, amatorero yari yarahindutse cyane, hanyuma hano haza John ku karubanda. Yohana yari umuhanuzi, ikimenyetso cyerekana ko Mesiya agiye kuvuga nyuma ye. Nimwitegereze. Kubera ko, Malaki 3 yavuze ati: “Nzohereza intumwa yanjye imbere yanjye, gutegura inzira, gutegura abantu.”

¹⁴⁹ Nimwitegereze Yohana, nta kwikunda muri we. Ntiyigeze agira icyubahiro. Bagerageje kumwita Mesiya; ariko aravuga ati: “Ntabwo nkwiye gufungura udushumi tw’inkweto Ze.”

¹⁵⁰ Ariko Yesu akimara kugaragara, yari afite ikimenyetso, Inkingi y’Umuriro, Umucyo hejuru ye, inuma iramanuka Ijwi rirangurura rivuga riti: “Uyu ni Umwana wanjye nkunda, nkamwishira.”

¹⁵¹ Mumenye ko, Yohana yahise avuga ati: “Agomba kuzamurwa. Nje ngacishwa bugufi.” Yashyikirije Kristo Itorerero. Amina.

¹⁵² Tubwirwa ko, mu minsi, ibyo bizongera kuba! Hagiye kubaho Ubutumwa buzasohoka, buzamenyekanisha Mesiya ku bantu. Kandi bizaba biri muri ubwo buryo, bazahagarara barindagiye nk’uko babikoze icyo gihe. Yarabisezeranije. Igice gikurikira icya Matayo, cya Malaki, kitubwira ibyerekeranye n’ibyo. Murareba.

¹⁵³ Bababajije ku bijyanye n’ibyo. Kamere ya Yohana yaramumenyekanishije mu mwuka wa Eliya. Noneho murebe abo bahanuzi uko ari babiri.

¹⁵⁴ Noneho, Eliya yari umuntu wahagurutse mu gihe cya Isiraheli, mu gihe cy’akajagari.

¹⁵⁵ Ahabu yari umwami. Kandi abategarugori bose basekaga imyifatire ya Yezebeli, kandi birashoboka ko imisatsi ye yabaga inyereje ayogoshya n’ibindi byose, birashoboka nk’uko twabonye uyu muni. Bose bari bakurikiye Yezebeli. Kandi abashumba batekerezaga ko ari byiza. “Mubareko. Mureke babikore.”

¹⁵⁶ Muri icyo gihe, Imana yahagurukije umuntu mu butayu, witwa Eliya. Ntabwo tuzi n'aho akomoka. Ntabwo yari afite ishuri ryatuma amenyekana. Ariko arahaguruka, yamagana ibyo bintu byose. Yamaganye ibyashyizweho byose.

¹⁵⁷ Aramutse agarutse, uyu muni, yakwamagana ibyo natwe turimo gushyiraho.

¹⁵⁸ Yamaganye buri Yezebeli. Kandi, amaherezo, ni we washenye umuhanuzi. Arasohoka, nka Yohana; ajya muni y'igiti cy'umurotemu igihe Yezebeli yari agiye kumwica. Yaramwangaga.

¹⁵⁹ Hanyuma tumenye ko igihe Yohana yazaga, avuye mu butayu, yari umukunzi w'ubutayu, afite ubutumwa bugororotse bureba abagore b'ubu batanye n'abagabo n'abashatse, ndetse n'abashatse bwa kabi, yagaragaje buri kintu. Ntiyigeze aturuka mw'ishuri iryo ari ryo ryose. Yaturutse ku Mana, umuntu woherejwe n'Imana. Kandi yamaganye abategarugori bagendana n'ibigizweho, arabarwanya bikabije, kandi ntabwo yigeze aya amagambo. Ariko yavuze yeruye ko igihe cyegereje, Mesiya agiye kuvuga. Mwitegereze ahongaho.

¹⁶⁰ Noneho mugereranye igihe cyo kuza kwa Eliya bwa mbere na bamwe muri aba bahanuzi b'iki gihe, kureka Yezebeli wabo akogoshya umusatsi, akambara ikabutura, akanywa itabi, ikintu icyo ari cyo cyose bashaka gukora, akabayobora hirya no hino. Ibyiza ni ukutagira icyo uvuga, azamureka, afate undi. Abayobore hirya no hino n'imyizerere yakozwe n'abana b'abantu; ibyo biteye isoni, inyigisho z'umuntu. Kandi, mu gukora ibyo, bahindura amategeko y'Imana imfabusa, 'Ni yo mpamvu bashobora kwinjira mw'itorero kandi bagakomeza kuvuga ko ari abakristu, kandi bakagumana uburenganzira bwabo bakavuga ko ari abakristo, bakomeza. Ni byo bashaka. Ni byo bakoze icyo gihe.

¹⁶¹ Ariko, nimwibuke, ni mu gihe nk'icyo, nk'uko Imana yasezeraniye muri Malaki 4, ko izongera gusohozza Ijambo. Ni byo. Murebe aho turi uyu muni, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yohana, nk'uko byari bimeze mu bindi bihe.

¹⁶² Murebe uyu musaza muto Amosi ahaguruka, umusaza mugenzi wacu. Ntabwo tuzi aho akomoka. Yari umushumba. Imana yamusohokanaga mu rwuri rw'intama n'inzuri z'inka, kandi, ikamutoza. Ageze i Samariya, arahaguruka, azamuka hejuru y'uwo musazi uwo muni, yitegereza hasi. Kandi iryo zuba ryakaga ku mutwe we, kandi wuzuye imvi, amaso ye ari hamwe kandi abengerana. Amaso ye yubaha Imana yahumye, atari ukubera amashusho ba mukerarugendo babonye uko binjiyemo, kuko umujyi wose wabaswe n'icyaha.

¹⁶³ Ni inde muntu muto, utaramenyekanye? Yego, ni Amosi, umuhanuzi. Yahanuye mu gihe cya Yerobowamu wa kabiri, umwami wigometse, arareka abantu bakora ikintu icyo ari cyo

cyose. Abapadiri bose bari babirimo. Bubatse amatorero meza. Bari bafite imyambarire myiza. Abagore babo bari abasambanyi. Bambaye uko bishakiye. Ba mukerarugendo bateraniye ahantu hose, kugira ngo babone abakobwa beza n'uburyo bitwara.

¹⁶⁴ Gusa indi Leta Zunze Ubumwe z'Amerika igezweho, yitwa ko ari ubwoko bw'Imana. Nta muntu ugira icyo ayivugaho. Birasa nk'aho ari ibintu bifatika ku bantu. Gatanu- . . .

¹⁶⁵ Ubu imyaka cumi n'umunani irageze, uyu munsu! Rebeka wanjye afite imyaka cumi n'umunani, uyu munsu. Imyaka cumi n'umunani, nambutse iki gihugu, namaganye ibi bintu. Kandi iyo ngarutse, umwaka ku wundi, nsanga hari abagore benshi bogoshe imisatsi kuruta uko nabasize.

¹⁶⁶ Umuvugabutumwa ukomeye, uzwi cyane w'Umupentekote yanjyanye mu cyumba, hashize hafi umwaka, yego, arazwi cyane, azwi kw'isi yose, aravuga ati: "Njye... Mwene Data Branham, reka nkurambikeho ibiganza byanjye ngusengere."

Ndavuga nti: "Ntabwo ndwaye."

¹⁶⁷ Aravuga ati: "Ariko hariho ikintu kitagenda neza." Aravuga ati: "Mwene Data Branham, uzangiza umurimo wawe. Ntawe muzawufatanye. Ntibitangaje kubona ababwiriza batazafatanye nawe; ni uburyo uciraho iteka abagore." Aravuga ati: "Abantu bakwita umuhanuzi."

Ndavuga nti: "Sinigeze mvuga ko ndi we."

¹⁶⁸ Aravuga ati: "Ariko bakeka ko uri we." Aravuga ati: "Nizera ikintu kimwe." Aravuga ati: "Wahamagariwe gusengera abarwayi." Aravuga ati: "Sengera abarwayi, ariko abagore bo ubahe amahoro. Wababaje ibyiyumvo byabo."

Ndavuga nti: "Gute?"

¹⁶⁹ Aravuga ati: "Kubavugaho ku binjyanye n'imisatsi yogoshe n'ibindi."

Ndavuga nti: "Ni bibi."

¹⁷⁰ Bibiliya iravuga iti: "Umugore wo—wo wogosha umusatsi, umugabo we afite uburenganzira bwo kumushyira mu butane." Ni byo rwose. "Aba asuzuguye umutwe we." Ni byo Bibiliya irabivuga. Noneho sinzi niba ubishaka cyangwa utabishaka, ariko ni byo Bibiliya ivuga, mu Bakorinto ba mbere.

¹⁷¹ [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] . . . guhambira umubiri umubiri wose ugiye hanze. Hanyuma ba—barazenguruka, bavuga bati: "Kubera iki, Bwana Branham, ubwo ni bwo bwoko bwonyine bw'imyenda bagurisha."

¹⁷² Baracyafite ibicuruzwa n'imashini zidoda. Nta rwitwazo. Abagore ba Amish na Dunkard baracyambara. Ni byo. [Itorero rikoma amashyi—Ubwanditsi.]

Bigenda bite? Barasohoka bakabikomeza.

¹⁷³ Umugore ati: “Ni byiza, Bwana Branham, ntabwo nambara ikabutura. Nambara s-...” Ni ibiki, pedali pe... [Mwene Data aravuga ati: “Gusunika pedali.”—Ubwanditsi.] Yego. Ati: “Ndayambara.”

¹⁷⁴ Ndavuga nti: “Ibyo ni bibi kurushaho.” Ndavuga nti: “Bibiliya iravuga iti: ‘Ni ikizira ku mugore kwambara umwenda ugenewe uwabagabo.’” Mbera Leta Yunze Ubumwe y’umwanda iriho ubu! Murareba? Ni byo.

¹⁷⁵ Reka nkubwire, mushiki wanjye. Ushobora kuba uwera nk’umwangange, imbere y’umugabo wawe cyangwa umukunzi wawe, ariko ku Munsu w’Urubanza uzasobanura ku busambanyi bwawe. Yesu yaravuze ati: “Umuntu wese ureba umugore, akamwifuza, aba yasambanye na we.” Niba uwo munyabyaha yarakurebaga, agomba kubisobanura ku Munsu w’Urubanza. Wiyerekanye ubwawe imbere ye. Ukore uko ushaka. Yoo mbega.

¹⁷⁶ Kuki umugore wubaha Imana ashaka kwambara gutyo? Noneho uvuga ko ufite Umwuka Wera kuko wavugaga mu ndimi ukikurunga hasi. Ibyo, ntekereza ko, nabonye abatagira idini bakora ibyo, Ba Hottentots. Umwuka Wera ni ubuziranenge, bwera, busukuye. Rwose.

¹⁷⁷ Uyu mugabo aravuga ati: “Niba uri... Bakwizera ko uri umuhanuzi. Kuki utabigisha uburyo bwo kwakira impano zikomeye z’umwuka, n’uburyo bwo kugira icyo bakorera Imana? Kuki utabibigisha niba uri umuhanuzi?”

¹⁷⁸ Ndavuga nti: “Ni gute nshobora kubigisha imibare mu gihe batigeze biga na ABC?” Uzi icyo ABC isobanura? “Buri gihe Wizere Kristo.” Yoo mbega. Ni gute muzabigenza? Murareba, mushaka guca mu nzira yo hejuru *hariya*, aho gutangirira *hano*.

¹⁷⁹ Imana izubaka Itorero Ryayo ku rufatiro rwa Yesu Kristo, kandi iyo ni Bibiliya. Hanze y’ibyo, izindi mpamvu zose zirimo kurohama mu musenyi. Imana ntabwo ihinduka. Kamere Yayoyi ntabwo ihinduka.

¹⁸⁰ Yatandukanije abagore n’abagabo, n’abagabo ibatandukanya n’abagore. Yabambitse mu buryo butandukanye, kandi ishaka ko baguma muri ubwo buryo. Murareba? Abagore bifuza kumera nk’abagabo, naho abagabo bashaka kumera nk’abagore. Yoo, mbega! Uku kugoreka! Ni... Kandi ibintu byose, bisa nk’aho byafashe abantu, kandi ntushobora kubihindura. Birasa nk’ikidayimoni kinini, umwijima mwinshi; niba wumva ibyo mvuga, mu by’umwuka. Iki dayimoni cyabafashe mpiri, kandi bo—ntibashobora kubireka gusa; Hollywood ikabije, televiziyo ikabije, n’ibindi bidafite ishingiro. Ibintu byose twabonye byanduye. Ntibitangaje, “Niba ibyo bikorwa bitaburijwemo, kubw’Intore, nta muntu uzakizwa.”

¹⁸¹ Mwavuze muti: “Ntitwigeze tubimenya mbere.” Ni byiza, ubu murabizi, guhera ubu noneho. Murareba? Ni byo... Ni byiza guhagarika ibyo. Reka dusubire inyuma. Mubonyetse.

182 Yohana yari ikimenyetso. Kandi mwibuke ko, uburyo Imana yabikozemo bwa mbere, ari nabwo buryo Izongera kubikoramo. Yarabisezeraniye. Noneho, Imana ntiyigeze ikoresha itsinda ry'abantu nk'abo, igihe icyo ari cyo cyose.

183 Mwoibuke, habayeho itsinda rimwe, umuntu ukomeye witwa Ahabu, yaramubonye a . . . amuha abahanuzi magana ane b'Abisiraheli. Rero, ntabwo bari abahanuzi b'amahanga. Abahanuzi magana ane b'Abisiraheli. Bose bari bafite impamyabumenyi n'ibintu byose, bafite ishuri rihanitse.

184 Hariho umuntu wubaha Imana witwa Yehoshafati, wari umwami w'Ibuyuda, aramanuka. Kandi aho ni ho umwizera yivangiye n'umutizera. Ibintu byagenze nabi.

185 Na we ati: "i Ramoti-Galeyadi . . ." Noneho murebe ibi, uburyo bishobora kuba ukuri. Yaravuze ati: "i Ramoti-Galeyadi ni ahacu, hejuru hariya. Hejuru mu gice cy'igihugu hejuru, aho ni ahacu." Yoshuwa, mu kugabana ibihugu, ahaha Isiraheli. Abafilisitiya, abanyamahanga, baraza barahabambura. Aravuga ati: "Aho ni ahacu."

186 Noneho mwitegereze uburyo, byagenze, abantu bashobora kuba bari mu kuri nyamara bakakubura. Icyo kintu cyari icy'Abisiraheli. Ariko amasezerano yose y'Imana, mwene Data, agenda mu bihe, murareba, "Niba bagenda imbere y'Uwiteka."

187 Noneho murareba hano. Aravuga ati: "Urazamukana nanjye, ngo umfashe kugarura ubwo butaka? Ni byiza, ni byo, abana b'Abafilisitiya buzuza inda zabo, ingano za Isiraheli." Ni byo mu Byanditswe uko ni ukuri. Aravuga ati: "Mfasha nzamuke mbasange."

188 Ati: "Yego, mbega . . ." Ni aho, yakoze ikosa ryihuse: "Amagare yanjye ni ayanyu, abagabo banjye ni kimwe n'abanyu. Ndajyana na we."

189 Hanyuma Yehoshafati atangira gutekereza, murabizi. "Aravuga ngo, ese ntidukwiye kugisha inama Uwiteka kubw'ibyo mbere y'uho tugenda?"

190 "Yoo, Birumvikana," Ahabu ati: "rwose. Yoo mbega. Mbabarira. Njye—Njye nari nkwiye kubitekerezaho."

"Nta muhanuzi waba uri muri iki gihugu?"

191 "Yego rwose. Nabonye—Mfite se—seminari yabyo hepfo aha, nziza utigeze ubona. Bose bambara imyenda myiza. Ni intiti z'inzobere cyane. Narabigishije, kugeza ku kadomo. Tugende tubashakishe."

192 Baramanuka aho. Bose baraterana. Ntabwo bari indyarya. Barasenga, barasenga barakomeza barasenga, kugeza babonye iyerekwa.

193 Barazamuka. Kandi umwe muri bo amukoreramye amahembe abiri manini mu cyuma. Aravuga ati: "Hamwe n'ibi mugiyeye

kwirukana Abafilisitiya, cyangwa a—Abanyasiriya, mubakure mu gihugu.” Aravuga ati: “UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Uzamuke, Uhoraho ari kumwe na we.” Buri wese muri bo, bahuje umutima, bajya mu mwuka. Abahanuzi b’Abisiraheli baravuze bati: “Uzamuke, Uhoraho ari kumwe nawe.” (Muravuga muti: “Ese ibyo ni Ibyanditswe?”) “Imana yahaye abantu uwo murage, kandi n’umwanzi arawufite. Ufite uburenganzira bwo kujya kubireba.”

Noneho, mwebwe Bapentekote, ndashaka ko mukuramo isomo hano.

¹⁹⁴ Ariko, Yehoshafati, kubera ko yari umuntu wubaha Imana, aravuga ati: “Hariho ikintu kitagenda.” Aravuga ati: “Nta kindi mwabonye?”

¹⁹⁵ “Na none kandi, nyuma y’abahanuzi magana ane batoywe neza bahagaze hano?” Ni benshi nk’uko bagera mw’igorofa ryo hasi hano. “Bahagarara hamwe bahuje umutima, baravuga bati: ‘UKU NI KO UWITEKA AVUZE.’ Mubigarure, hanyuma muvuge muti: ‘Yosuwa yaduhaye igihugu. Ni icyacu. Genda ugifate!’”

¹⁹⁶ Ariko Yehoshafati abaza undi. Ati: “Mbese nta wundi ushobora kutubariza Umwami?”

¹⁹⁷ Aravuga ati: “Yoo, hariho undi umwe, ariko,” ati: “Ndamwanga.” Uh-huh, uh-huh. Ati: “Ni Mikaya, mwene Imura.” Ati: “Ndamwanga. Buri gihe ahora ambwira ibibi.”

Ati: “Ntukemere ko umwami avuga atyo. Genda umurebe.”

¹⁹⁸ Hanyuma bohereje umwiru hariya. Bamwe muri bo baravuga bati: “Noneho, Mikaya, ndashaka kukubwira ikintu kimwe. Rero, uzi ko bakwirukanye...-bagusaba kuva mu busabane n’abandi, nta gihe gishize, kuko buri gihe uhora ubwira abantu ibintu bibi. Noneho niba ushaka kugumana ikarita yawe y’ubusabane, uravuga kimwe n’ibyo bavuze, kandi, yoo, bazagutwara gusa muni yu’kuboko kwabo.”

¹⁹⁹ Ariko yarabihoreye mu by’ukuri kuko yari umuhanuzi. Aravuga ati: “Ndahiye Uwiteka Imana iriho, ndavuga gusa ibyo Imana ishyira mu kanwa kanjye.” Yoo! Imana ihe umugisha uyu mugabo. Aravuga ati: “Tegereza kugeza uyu mugoroba, ndaza kureba icyo Uwiteka ambwira.”

²⁰⁰ Bukeye bwaho, aravuga ati: “Komeza, ariko mbonye Isiraheli yatatanze nk’intama zitagira umwungeri.” Hanyuma afata iyerekwa rye, arigereranya n’ibyo Eliya yavuze, ibyabaye kuri Ahabu. Ni gute Ashobora guha umugisha ibyari byaravumwe? Uko byaba biri kose...

²⁰¹ Turi ishyanga ryubaha Imana. Itorero rya Pentekote, Batisita, na Metodiste, n’ibindi, ni amatorero ya Gikristo, ariko se ni gute mushobora guha umugisha ibyo Imana yavumye? “Simbyitayeho,” muravuga muti: “Njye—Njye ninjiye muri ibi.

Nakoze *ibi*.” Ibyo ntibifite ikintu na kimwe bihinduraho. Nimwitegereze ibyo mwakoze. Murebe kuri Pentekote, uko mwaguye. Mwitegereze uko mwahoze, murebe uko muri ubu. Ntubitangaje, amaso ni, amaso arahumye.

²⁰² Hanyuma, Ahabu, Uwo...Uyu mupadiri yamukubise urushyi. Aravuga ati: “Mumushyiremo,” Nuko Ahabu aravuga ati: “mumusubize muri gereza y'imbere. Ubwo nzagaruka ntabarutse amahoro, nzita ku kibazo cy'uyu muntu.”

²⁰³ Aravuga ati: “Niba ugarutse rwose, araba atari Imana yabimbwiye.” Yoo mbega? Murareba? Hariho umuhanuzi, hariho ikimenyetso; hari Ijwi Ryayo. Kandi kunanirwa kuryumvira ni byo byazanye urubanza.

²⁰⁴ Umwuka Wera ni umuhanuzi wacu muri iki gihe. Kunanirwa kumva Ijwi Rye? Yamenyekanye mu Byanditswe, ko azavuga ibi bintu. Yesu Kristo, ishusho y'Umwuka Wera!

²⁰⁵ Imana yakoranye n'uyu mugabo umwe. Uyu, Imana ntabwo ikorana n'itsinda; ikorana n'umuntu ku giti cye. Eliya ntabwo yari itsinda. Yohana ntiyari itsinda. Ntabwo bari itsinda cyangwa idini, nta na kimwe muri ibyo bari cyo. Ariko bombi barabyamaganye. Ni byo. Yohana yaravuze ati: “Ntimutekereze kuvuga ko dufite Aburahamu nka sogokuruza. Imana ishoboye guhindura aya mabuye kugira ngo ihagurutse abana ba Aburahamu.”

²⁰⁶ Kandi ikimenyetso cy'imperuka kizagira Ijwi rya nyuma. Kandi ikimenyetso cy'imperuka kizaba gikurikije ibyahanuwe mbere muri Bibiliya. Kandi Ijwi ryo mu gihe cya nyuma, rikurikira ikimenyetso cy'igihe cya nyuma, rizamenyekana neza mu Byanditswe, bizaba ari Ibyanditswe byasezeranijwe.

²⁰⁷ Noneho twasomye muri Luka 17 uko icyo kimenyetso cy'imperuka cyari kumera nk'icy'i Sodomu, isezerano. Kandi dufite Sodomu muri kamere, kuki tudashobora kwizera ikimenyetso mu by'umwuka hano? Niba ushobora kubona Ibyanditswe, na none muri, Luka 17 ni ikimenyetso, naho Malaki 4 ni Ijwi. Ikimenyetso cyari kimeze nk'Imana yagaragaye mu mubiri, izi neza amabanga y'umutima; n'Ijwi rya Malaki 4 ryari ririmo guhindurira abantu kujya kure y'imyizerere yabo, bakagaruka ku Kwizera kwa ba se. Ni cyo kimenyetso.

²⁰⁸ Mwari ubizi? Ndarangije nonaha. Ibimenyetso bisanzwe byemewe, byanze bikunze; ariko, Ijwi, yoo, oya. Ijwi rikurikira ikimenyetso, ntibashaka ko hagira ikintu kibikoraho. Yego.

²⁰⁹ Ikimenyetso cya Yesu, nka Mesiya, cyo gukiza abarwayi, baracyemeye. Ariko umunsi umwe Aravuga ati: “Jye na Data turi umwe.”

²¹⁰ Yoo, mbega, iryo Jwi ntirymewe. Baravuga bati: “Wigira Imana, ngo ungana n'Imana.”

Aravuga ati: “Ndi Umwana w'Imana.”

211 “Yoo, mbega, Ni gute Imana ishobora kugira Umwana?” Murareba? “Byahera he ko Imana igira Umwana!”

212 Ariko, murabona, bizeraga i—ikimenyetso, cy’uko abarwayi bashobora gukira, kandi, yewe, ibyo byari byiza, byari bisobanutse. Ariko iyo bigeze kw’Ijwi, ntibashakaga kwizera Ijwi. Bakoze iki? Baramwirukanye.

213 None se mwari mubizi? Bibiliya iratubwira, mu Byahishuwe igice cya 3, muri iki Gihe cy’Itorero rya Lawodikiya, ko ari ko bizongera kugenda. Yashyizwe hanze y’itorero. Iryo ni Ijambo rigaragajwe. Yari Ijambo rigaragajwe. Aracyari Ijambo rigaragajwe.

214 Niba ushobora kwizera ikimenyetso cya Sodomu, cya Luka, niba ushobora kwizera ibyo, none se kuki utakwemera Ijwi rya Malaki 4? Murareba, kubera iki ataba wowe, wowe? Ishobora kurenganura. Gusa inzira ishobora kubikoramo ni... Ikimenyetso gishobora kwemezwa, ariko ugomba kwemera Ijwi.

215 Mose yahawe inshingano zo kumanuka, muri kamere, maze abona ikimenyetso cy’umwuka hanyuma ahamagara abantu kugaruka ku masezerano ya ba se.

216 Malaki 4 ni ugusubiza abantu “kubasubiza ku Kwizera kwa ba se.” Yoo, garuka, yemwe mwebwe mpumyi kandi zatatanye, mw’ishyanga ryanyu!

217 Mu gusoza, ndaza kuvuga kuri ibi, iki gitekerezo cya nyuma. Umuhanuzi yaravuze ati: “Hazaba umucyo ku mugoroba.” Nimwitegereze: “Hagomba kuzabaho umunsi utazashobora kwitwa amanywa cyangwa ijoro.” Noneho nimwumve. Ndarangije. “Hazabaho umunsi...” Reka ibi mbishyire kure, kandi Imana ibishyire muri buri mutima uteraniye hano, iri joro, muri iyi nzu. Umuhanuzi yaravuze ati: “Hazabaho umunsi utazashobora kwitwa amanywa cyangwa ijoro, ubwoko bw’umunsi mubi, w’imvura, n’igihu. Ariko,” aravugaga ati: “mu gihe cyo ku mugoroba, hazabaho Umucyo.”

218 Noneho, nimwibuke, izuba rihora riva mu Iburasirazuba rikerekeza Iburengerazuba. Iterambere ryakurikiye izuba. Murabizi. Kandi, muzi neza ko, rya zuba riva Iburasirazuba ni naryo zuba rirengerazuba. Noneho, iterambere ryatwawe neza n’izuba, kugeza ubwo Uburasirazuba n’Uburengerazuba bihura. Turi ku nkombe y’Iburengerazuba; Iburasirazuba n’Iburengerazuba.

219 Kandi, mwibuke, Ubutumwa Bwiza bwanyuze mu nzira imwe. Bwazamuye i Burasirazuba, ukuza kwa Yesu Kristo, u-m-w-a-n-a, ntabwo ari i-z-u-b-a. U-m-w-a-n-a, Umwana w’Imana, yahagurukiye Iburasirazuba, ku bantu b’Iburasirazuba.

220 Noneho ubu hari umunsi abantu binjiye mu rusengero, bakora amadini, umucyo uhagije wo kubamurikira ngo barebe,

“Ni byiza, tuzagira itorerero. Tuzubaka *ibi*. Tuzubaka ishuri. Tuzubaka ibitaro. Tuzigisha. Tuzagira seminari.” Bafite urumuri ruhagije rwo gukora ibyo.

²²¹ Ariko, mwibuke, Bibiliya ivuga ko, umuhanuzi w’Uwiteka, muri Bibiliya, aba afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, “Rya zuba rimwe ryaka Iburasirazuba ni ryo ryongera kumurika Uburengerazuba, nimugoroba. Hazabaho Umucyo mu gihe cy’umugoroba.”

²²² Yari gukora iki? Ibyo rwose bisobanura ibyo Yavuze muri Luka igice cya 17. “Mu gihe cya nyuma, igihe Umwana w’umuntu azahishurwa nk’uko yari ari Iburasirazuba, Wa Mwana umwe urabagirana, Imbaraga zimwe, Umwuka Wera umwe, Ikintu kimwe gikora ikintu kimwe. Hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba.”

²²³ Rya zuba rimwe rigenda; wa M-w-a-n-a umwe wakoze urugendo; amanuka ava i burasirazuba, uhereye kuri Pawulo; wasimbukiye mu Budage, kuri Maritini Luteri; yongeye gusimbuka, ku gukururwa Kwe gukurikira; hanyuma ava muri ibyo ajya mu Bwongereza, kwa John Wesley; yasimbutse inyanja ya Atalantika, muri Amerika, kuri Pentekote; none Pantekote yaragabanutse ubwayo, kandi turi ku Nkombe.

²²⁴ Buri wese muri bo, amadini, nk’uko babigenje mu ntangiriro, yashyizeho ishyirahamwe Imana yavumye. Pantekote, kandi bose, barabikoze.

²²⁵ Ariko yaravuze ati: “Hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba. Hazabaho ikimenyetso kizahaguruka mu gihe cyo ku mugoroba.” Ntimucikwe, nshuti. Ntimucikwe. Noneho, Wa Mwana umwe yatanga Wa Mucyo umwe. Rya z-u-b-a rimwe ritanga urumuri rw’ i-z-u-b-a rumwe. Wa M-w-a-n-a umwe utanga Umucyo w’U-m-w-a-n-a umwe.

²²⁶ Noneho, ntabwo ari ibyanjye mvuze. Abantu bose hano, bazi ko Bibiliya ibivuga, muzamure biganza. [Itorerero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ni byo rwose.

²²⁷ Noneho, mushobora, birabareba. Mwemere ko Umwana w’Imana, Yesu Kristo, ariho, atapfuye. Ni muzima. Ariyoroshya, yicisha bugufi. Yahoraga atuje gutyo. Inzira yo hejuru iramanuka. Mwicishe bugufi, muve mu bitekerezo byanyu, kandi mwizere Umwami Yesu. Murebe ikimenyetso, hanyuma mwemere Ijwi. Mugaruke, yemwe abatatanye, mugaruke mw’ishyanga ryanyu!

Mureke twunamishe imitwe yacu.

²²⁸ “Niba kandi batemera Ijwi ry’ikimenyetso cya mbere, mu ntoki, nk’uko byari bimeze kuri Mose, ukore ikimenyetso cya kabiri. Noneho, niba batemera iki kimenyetso, fata amazi (amazi ashushanya ubuzima) ari mu nyanja cyangwa inyanja, uyasuke hasi, azahinduka amaraso.”

²²⁹ Data wa twese wo mw'Ijuru, ni iby'ukuri nta gihe tugifine, ariko Wasezeraniye ko hazabaho umucyo nimugoroba. Reka Ijwi ry'Ivanjili yacu ryinjire mu mitima y'abantu, igihe bayitekerezahohu kandi bakayigishwa n'Ijambo.

²³⁰ Ha umugisha uyu muryango, Mwami. Ha umugisha aba bantu. Reba uko bicaye hano, bashonje, abana bakennye bababajwe n'imibereho, kandi *ibi*, bazi ko Satani yabikoze kugira ngo abahume amaso ngo batabona icyiza ubwo kizashyika. Nibabe, iri joro, ku bwumvikane bumwe, bizere Yesu Kristo, bizere amasezerano Ye, ko Yazutse mu bapfuye.

²³¹ Muravuga muti: "Mu gihe batatekerezagah, Umwana w'umuntu azaza."

²³² Ni ukuri iyo itoreroh rimaze kubona ibyaryoh, rifite amafaranga ahagijeh, rishorah amamiriyoni y'amadorari mu nyubakoh. Byabah byizah, Data, ndizerah, bagarutse bahagaze mu nguni, barimoh kuvuza i—ingomah, bafite ingoferoh mu ntokih, ingomah ishahje mu mfurukah nk'Ingaboh z'Agakizah, kurutah uko bakwicarah muri iyih nzu nini iri joroh, bageragezah kwisanishah n'isih, "Bafite uburyoh bwo kubahah Imanah, ariko bahakannah Imbaragah zayoh."

²³³ Biduhe, Mwami, iri joroh, nah none, Mwami; nk'ukoh Samusoni yagutakiyeh atih: "Rindah rimwe, Mwami, rindah rimwe." Rekah bimenyekane koh urih Kristoh, Umwanah w'Imanah; uko warih urih ejo, n'uyoh munsih nih koh urih, kandi nih koh uzahorah n'itekah ryose. Kandi wimenyekanisheh Ubwaweh hagatih yacuh, kugirah ngoh babone ikimenyetso, ahari bakwizera Ijwih. Muri ibih, mbisabyeh mw'Izinah rya Yesu Kristoh. Aminah.

²³⁴ Tugiyeh guhamagarah umurongoh w'amasengeshoh, byihuse. Nabonyeh rwose koh ubuh igihoh cyoh gutandukannah kigezeh. Ariko rekah dukoroh umurongoh w'amasengeshoh, umurongoh mutoh w'amasengeshoh, ahasigayeh tuzatangirah ejo.

²³⁵ Uyu munsih yatanzeh amakaritah y'amasengeshoh. Kubw'ibyo, dutangah amakaritah burih munsih, kugirah ngoh burih wese abone amahirwe aramutse aje mu gihe kidasanzwe. Guhagurukah koh murongoh w'amasengeshoh, ibyoh ntibigukizah. Umuntu wese arabizih, muri burih materaniroh, hari bensih bakirirah hanzeh kurutah gukirirah hano, murarebah, burih gihe. Umwukah Werah aberah hose icyarimwe. Arimoh kugeragezah gushakah abizerah gusah, nih boh bonyine, ashoborah kubigerahoh.

²³⁶ Tangah amakaritah yoh gusengerwah P, nkoh muri Pawuloh. Rekah, aho twarih turi. . . Hamagarah, umwe. Umwe, babirih, batatuh, bane, batanuh, batandatuh, barindwih, umunani, icyendah, icumih, rekah bahagararoh hano, nibah mubishakah. Ikaritah yaboh y'amasengeshoh gusengerwah P, nkoh muri Pawuloh, umwe kugezah kw'icumih, hagararah hano koh ruhandeh, nibah ushoboyeh guhagurukah. Nibah utabishoboyeh, nonehoh turarebah umuntu woh kugufashah. Icumih; umwe, babirih, batatuh, bane, batanuh, batandatuh, barindwih,

umunani...Bose, abandi babiri. Umunani, icyenda, icumi, bese. Icumi kugeza kuri cumi na batanu, abo ni abandi batanu biyongeraho. Cumi na batanu kugeza kuri makumyabiri, muhaguruke kugira ngo ndebe niba mwuzuye; P, cumi na batanu kugeza kuri makumyabiri. Makumyabiri kugeza kuri makumyabiri na batanu. Reka turebe nonaha, aho muri hose. Noneho reka abandi basigaye bubahe rwose, iminota mike. Iyo yaba ikarita y'amasengesho P, umwe kugeza kuri makumyabiri na batanu. Ntabwo ari byo? Makumyabiri na batanu, umwe kugeza kuri makumyabiri na batanu.

²³⁷ Noneho abandi bese bubahe by'ukuri. Muhe Imana icyubahiro cyinshi, itange Ubutumwa. Mugomba kubaha Imana, mugafata umunota umwe wo gutekereza.

²³⁸ Noneho ndatekereza ko barimo gutekura abantu. Ntabwo ari byo...Niba bafite ikarita y'amasengesho, ntabwo bese batanze umurongo, baraza kubimenya; baraza kumbwira mu minota mike, hanyuma baraza...noneho turaza kureba niba ahari umuntu utumva cyangwa umuntu udashoboye.

²³⁹ Sinzi aho bari, nshuti, amakarita yabo y'amasengesho. Umuhungu aramanuka hano...(Ni inde uyatanga? Wowe, cyangwa Billy? Billy?) Ni byiza aramanuka, akavangavanga amakarita, imbere y'abantu, noneho akaguha ikarita y'amasengesho; akamanuka, akababwira mwese mukicara, akabaha ikarita y'amasengesho. Murareba? Sinzi aho bageze. Nagerageje kuzamura uyu mwana hano, murareba. Noneho, abandi, Njye—Njye sinzi, Njye—Njye nta buryo mfite bwo kubimenya. Ndatekera ko Imana ibishyiraho mu buyo Ishaka ikabitegeka gutyo.

²⁴⁰ Noneho, ubu abasigaye mwese, abo badafite ikarita y'amasengesho. Muzamure ikiganza cyanyu, muvuge muti: "Nta karita y'amasengesho mfite, kandi ndarwaye." Muzamure ikiganza cyanyu, ahantu hose mu nyubako. Sinzi aho muherereye, muzamure i...Ni byiza, hano nta bantu benshi cyane bahari, noneho. Ni byiza, kubw'ibyo, ejo ntibizatwara igihe kinini cyo gusengera umurongo w'amasengesho. Hano hari abagera kuri makumyabiri, nta kindi gitumye bahagarara hano, bararwaye.

²⁴¹ Ni byiza. Nshimishijwe no kubona mubyemera gutyo. Mwari mfite kwizera kurenze uko nabitekerezaga, birashoboka. Murareba? murareba? Niba wemeye gukira kwawe, shyira iarita yawe ku ruhande, Imana iguhe umugisha. Uko ni ukwizera nyako. Nta muntu n'umwe wigeze akurambikaho ibiganza; washyize amaboko kuri Kristo.

²⁴² Noneho hano iri joro, ibyo ntabwo biza kuba mu murongo w'amasengesho, wizera iyi nkuru. Nka wa mugore wakoze ku kinyita cy'umyenda We, arahindukira maze amenya ko We yamukozeho, ni bangahe bibuka iyo nkuru? Ni byo rwose.

²⁴³ None se wizeye ko, We, Bibiliya ivuga mu Baheburayo 4, ngo, “Ni Umutambyi Mukuru, kugeza magingo aya, ibyo bishobora gukorwaho no kumva intege nke zacu”? [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ni byiza, niba uko Yari ejo, n’uyu muni ari ko Ari, kandi ni ko Azahora n’iteka ryose? [“Amina.”] Ese ntiyabikoze, ijoro ku rindi, hano? [“Amina.”] Ni bangahe bagiye mu yandi materaniriro bakabona Abikora? Gusa muzamure... [“Amina.”] Ni byo. Murareba? Hirya no hino w’isi! Irabizi, Izi byose kuri wowe.

²⁴⁴ Noneho reba icyo ngerageza gukora? Ni bangahe bumva icyo nshaka ko mukora? Murareba? Ndashaka ko, nta muntu ugushyiraho ibiganza, ndagushaka, nk’urugingo nyarwo rw’Imana, muravugaga muti: “Yesu Kristo, Wowe ndakwemera. Ubu Wowe ndakwemera nk’Umuvuzi wanjye. Ubu ndakwemera nk’Umukiza wanjye. Ndabyizera n’umutima wanjye wose, umurimo wabyo urarangiyeye.” Noneho komeza iryo sezerano, komeza ibyo watuye kandi utere imbere. Mwitegereze uko bigenda. Murareba? Mwitegereze uko bigenda. Murareba? Noneho ni byo ngerageza kubshishikariza gukora, inzira nyayo dukwiye kwizera.

²⁴⁵ Mwavugaga iki? [Umuntu aravugaga ati: “Kane na cumi n’icyenda.”—Ubwanditsi.] Umubare kane, ikarita y’amasengesho nimeroye ya kane n’umubare cumi n’icyenda, irabuze. Ikarita y’amasengesho ya kane. Nimwitegereze umuntu; murebe amakarita y’abagenzi banyu. Ikarita y’amasengesho nimeroye ya kane na numero cumi n’icyenda. Ni byo, akanya gato, tegereza. Murareba, niba ntayihamagaye, noneho reka nyigarusheho, murareba. Tuvuge iki? Tuvuge iki? [“Kane.”] Wabonye kane? Bimeze bite kw’icyenda... Nta cumi n’icyenda. Tuvuge iki? [“Ongeraho kane.”] Ikarita y’amasengesho nimeroye ya kane ntirahagera, cyangwa cumi n’icyenda. Niba hari umuntu wabonye iyo karita, yaza ku murongo. Cyangwa, murebe, murebe, birashoboka... afite... Uru ruhinja ruto rwabonye ikarita? Murebe neza, ntabwo... Ntabwo ari yo nimeroye. *Uyu* mudamu hano yabonye ikarita, muri iyi ntebe y’imodoka? Murebe numero ye. Ni byo—iyo ni yo nimeroye? Umukecuru ku gatanda k’abarwayi, haa? Barayibonye. Bo, byose biratunganye noneho. Nibyo. Rwose. Noneho—ubungubu, mwebwe abantu babonye amakarita y’amasengesho, muyakomeze. Tugiye gukora, kubw’ubuntu bw’Imana.

²⁴⁶ Noneho, nshuti, iri ni ryo joro rya nyuma turi bugire, ejo ni ku cyumweru nyuma ya saa sita, reka twicecekere. Noneho mufate gusa kutizera mufite kandi buri gihe—buri gihe ibitekerezo bidafite ishingiro, mubishyire hasi, hanyuma mubishyire muni y’ibirenge byanyu, nk’uko byari bimeze. Muvuge muti: “Mwami Yesu, ngiye kukwizera.” Ni bangahe baza kubikora? [Itorero rivugaga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Murakoze. Imana iguhe umugisha.

247 Noneho ntihagire umuntu ugenda. Mwicare rwose, kandi mwizere. Murareba iyi nzira, hanyuma murebe.

248 Kumenyekanisha Imana kuva kera byhozeho, bishobora kumenyekanisha ibyabaye, no kuvuga ibyabaye, ibyo bigenda gute, cyangwa ibizaba. Turabizi. Nguko uko abahanuzi bari bazwi. Nguko uko Yesu yari azwi nka Mesiya. Kandi ni Mesiya umwe uyu muni nk'uko yari ameze icyo gihe, gusa adafite umubiri ufatika hano kw'isi. Yohereje Umwuka We kugira ngo akoreshe umubiri wawe, umubiri wanjye. Noneho, ntushobora gukora ibi. Turabizi, mu Byanditswe Byera, hariho umwe mu bisekuru. Ariko, murareba, ariko nyamara mushobora kubyizera, kandi mwabonye ibindi bintu mushobora gukora, buri wese.

249 Byagenda bite niba urutoki rwanjye rufashe icyemezo, kuko iryo ntabwo ari ryo jisho ryanjye, ntiruzaba urutoki rwanjye? Byagenda bite niba uku kuboko kuvuga kuti: "Ntabwo nzongera kweguka ukundi, 'kubera ko niba ntari ijisho, cyangwa ugutwi, ntabwo nzaba ukuboko"? Kubera iki, byamugaza umubiri wanjye.

Uzabe icyo Imana yakugize cyo.

250 Ni kangahe nashimye Oral Roberts, Billy Graham, Tommy Osborn!

251 Bamwe muri abo bagabo bajya hariya bakavuga bati: "Imana ihabwe icyubahiro! Mubyizere!" ukwizera kwa Bulldog. Mugende, musohoke aho ngaho uko bishoboka.

252 Billy Graham ahagaze afite ubutumwa, kandi aravugana n'abantu iminota mike, akavuga ati: "Fata icyemezo; ngwino ku gicaniro." Hagarara gusa, ntuziwere unyegenyega.

Aravuga ati: "None se kuki ukora ibyo, Billy?"

253 Aravuga ati: "Ubutumwa bwanjye burasohoye. Bukomoka ku Mana." Ni byo.

254 Ari kuri iryo torero rya Sodomu, neza neza ni byo bigomba kuba. Izina rye rirangira na h-a-m uhereye kuri Aburahamu, inyuguti esheshatu; Aburahamu yari afite inyuguti zirindwi. Murareba intumwa z'iryo torero, hepfo hariya i Babuloni? Rwose. Nta mugabo uri mu gihugu wabonye ubwo butumwa bwo kwihana, nka Billy Graham. Ahagarara aho. Akajya kure, hanyuma akajya kurya T-bone hanyuma akaryama, akanywa amata yangiritse. Ni byo rwose.

255 Kandi mu gihe ugomba guhagarara ukarwanya amadayimoni! Igihe kimwe kuri Long Beach, mwene Data Jack nanjye... Papa wawe yari ahagaze aho.

256 Kandi hari Bwana Fuller, Charles Fuller, mwene Data mwiza, bahagaze aho babwiriza. Abantu bagera ku bihumbi bibiri cyangwa bitatu ahongaho nyuma ya saa sita. Twaricaye maze dukurikirana amateraniro ye. Nari mfite icyumba kinini

nakodesheje, nyuma ye. Nuko ahagarara aho, atanga ikiganiro cyiza. Nuko aravuga ati: “Hari umuntu uri hano ushakaga kwakira Kristo?” Abantu babiri cyangwa batatu baramanuka kugira ngo bashyirishe abana babo mu maboko y’Imana. Umugore umwe avuga ko ashaka kumwemera. Araza bamutura isengesho rito, umwe mu badiyakoni, asubira inyuma aricara. Bahana ibiganza, barahindukira barasohoka. Hariho itsinda rye ry’abanyabwenge, bambaye neza, bagendagenda hanze aho.

²⁵⁷ Hano haza ibyanjye, ikoti riremereye, intebe z’abamugaye, impumyi, ikirema, uwagagaye, uwaremaye ingingo. Iyo kwizera kwawe guhura n’ikintu nk’icyo!

²⁵⁸ Noneho hano, navuze ko Kristo ari iki? Noneho abatizera bicaye hafi, bashaka kubona inenge imwe, murareba, bagerageza gushaka inenge imwe.

²⁵⁹ Mwibuke, hano nta gihe kinini gishize i Toronto, duhagaze aho tubwiriza, dusengera abarwayi. Nakomeje kumva umwuka udasanze; yari yicaye ibumoso bwanjye. Nakomeje kubireba. Hano hari umugabo wicaye, itsinda ryari ryamuhaye akazi ngo yinjireye kugira ngo andeshye. Yazengurukaga mu nkambi z’ingabo maze aagatuma abasirikari bagwa mu maboko yabo bagatontoma nk’imbwa, n’ibindi; ukureshya. Numvise uwo mwuka mubi. Sinari nzi aho biva. Nakomeje kureba. Mbona igicucu cyijimye. Nategereje iminota mike. Ndavuga nti: “Wowe mwana wa Satani, kuki satani yahumye ubwenge bwawe ku bintu nk’ibyo? Kubera ko waje kwigarurira Imana, guhangana n’Umwuka w’Imana, bazagukura hano.” Yamugariye ahongaho kandi aracyafite ubumuga. Murareba?

²⁶⁰ Ntabwo dukinisha itorero. Ni bangahe bagiye mu nama bakabona ibintu bisa n’ibyo bibaho, muzi ibintu bibaho? Ni byo. Ni byo. Nimwibuke, mube—mube abubaha.

Noneho hano hari, ngira ngo ni, umuntu wa mbere. Ni byo?

²⁶¹ Noneho, murareba, narabwirije, mbabwira neza ibyagombaga kubaho muri iyi minsi. Noneho icyo ni ikimenyetso, niba kibaye. Ni byo cyari ikimenyetso, noneho mwemere Ijwi rikurikira ikimenyetso. Murareba?

²⁶² Noneho hano hari umugore. Ni ukuri, kuri mwebwe bashya, uyu ni Mutagatifu Yohani 4, aho Umwami wacu Yesu yahuriye n’umugore kw’iriba. Ntabwo bigeze bahura mbere, mu buzima bwabo, maze abwira umugore ikibazo cye. Kandi uwo mugore yamenye ko uwo ari Mesiya. Muzi iyo nkuru? Hano byongeye, umugabo n’umugore barahura. Noneho ntabwo ari umugore, kandi sindi uriya mugabo, ariko ibyo biracyari Imana imwe. Murareba? Yesu yaravuze ati: “Imirimo nkora namwe muzayikora,” Muri Yohani 14:12.

²⁶³ Noneho, madamu, ntabwo nkuzi, sinzi n’icyatumye uhagarara ahongaho. Birashoboka ko byaba ibibazo byo mu rugo. Birashobora kuba ari ku bandi. Birashoboka ko

urwaye. Birashoboka ko ari byo...Birashoboka ko uhagaze aho, ushyiraho ikintu runaka. Niba ari byo, shakisha uko byagenda. Murareba? Birashoboka ko mwigana ikintu lunaka. Ibyo ari byo byose, simbikora...Ushobora kuba uri umwizera nyawe. Nuko ntabizi, ariko Imana irabizi. Ariko uzamenya niba Yarakubwiye ukuri cyangwa itarakukubwiye, si byo? Niba ari ukuri, muzabimenya.

²⁶⁴ Noneho, Dore, icyo kwizera kwanyu gusobanuye. Mwaba mwifuzaga kuza hano? Noneho niba hari umuntu wemera ko atari byo, naze hano afate uyu murwayi, ngwino hano ubafashe ibisigaye byabo. Noneho niba mutazabikora, ntumunyamagane. Murareba?

²⁶⁵ Noneho reba hano, mushiki wacu, umunota umwe gusa. Ubu nta gitekerezo mfite, nta kintu na kimwe nzi kuri wowe. Uri umugore gusa uhagaze aho.

²⁶⁶ Noneho niba Umwami Yesu Kristo, Umwana w'Imana, Uwo nerekanye nkoresha Bibiliya, yasezeraniye ko azagaruka mu minsi y'imperuka kandi akigaragaza We ubwe mu mwuzuro w'Umwuka We...

²⁶⁷ Nk'uko Itorero rimeze; ni nk'uko bimeze ku kiremwa muntu, inzira zose ziva mu birenge, zizamuka mu kibero, kugeza ku mutwe, kandi umutwe ni umutwe w'umubiri. Kandi Umubiri warazamutse, uhereye kw'Itorero rya mbere, riraza neza, muri ibi, mw'ivugurura, ryaraje, kugeza ubu...Riza rinyuze mu gutsindishirizwa, kwezwa, kubatizwa n'Umwuka Wera. Noneho ni Umutwe, Kristo, uza ku mubiri, Umubiri wa Kristo. Ni we ubizi. Ukuboko kwanjye ntikuzi gukora, nkoresha umutwe wanjye gusa. Ariko ni We Wenyine Ubizi, ni yo mpamvu We ari Ijambo.

²⁶⁸ Ntabwo ndi Ijambo. Ndi umuntu. Ariko, murabona, Akoresha uyu mubiri. Kubera ko, Yapfuye ngo yeze uyu mubiri, kugira ngo awukoreshe, kandi atange impano. Nk'uko wawukuramo vitensi, noneho Umwuka Wera akawuyobora.

²⁶⁹ Noneho, niba aza kugusobanurira cyangwa akakubwira ibyo wakoze, n'ibyo urimo gukora hano, cyangwa ikintu kijyanye na we, uraza kubyemera. Mbese abari hano muraza kubyizera kimwe? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Uwiteka Imana ibimuhe.

²⁷⁰ Noneho mfashe umwuka wose, hano, nywushyize munsu y'ubuyobozi bwanjye, kubw'icyubahiro cy'Imana. Noneho icara. Ntugire aho ujya.

²⁷¹ Nimwitegereze hano, akanya gato. "Munyitegereze," nk'uko Petero na Yohana babivuze, banyuze mw'irembo. Mu yandi magambo, mwitondere ibyo mvuga gusa. Murareba?

Yesu yabajije umugore ibibazo bike. Ati: "Nzanira icyo kunywa."

²⁷² Murareba, nagiye mbwiriza, ikintu kimwe. Data yanyohereje hano kuri—kuri Baton Rouge. Ndi hano.

²⁷³ Data yavuze ko yari akeneye kunyura muri Samariya. Yicaye aho. Umugore ni we wa mbere wamwegereye. Yakoze ikimenyetso kuri uriya mugore, umujyi wose urihana. Mbega itandukanirho...

²⁷⁴ Mutekereza ko, aramutse akoze ikintu kimwe, iri joro, muratekereza ko Baton Rouge yose yakwihana? Ndabishidikanya, si byo? Ni ukuri ndabikora. Ariko turi mu minsi ya nyuma, mu gihe ikibi cyarushijeho kuba kibi kuruta uko byari bizwi.

²⁷⁵ Noneho uko umerewe. Uri hano kugira ngo ngusengere. Ni byo rwose. Kandi urwaye indwara yo mu muhogo. Niba ari byo, zamura ikiganza cyawe. Ntabwo ari byo gusa, ariko hariho umuntu urimo gusengera. Ni umwana, kandi uwo mwana afite uburwayi bwo mu muhogo. Kandi ni imiterere y'umuhogo w'umwana, ni ugukura mu muhogo. Wizera ko Imana nayo iza kumukiza? icyo gitambaro kiri mu kiganza cyawe, icyo wakuzamuriye Imana, nk'umuhamya... Ntushidikanye nonaha. Genda urambikeho igitambaro kuri uwo mwana. Ntushidikanye, n'umutima wawe wose. Imana izabakiza mwembi umererwe neza. [Mushiki wacu ati: "Mumuhimbaze! Haleluya!"—Ubwanditsi.] Ushobora kubikora? ["Yesu! Urakoze, Yesu!"] Noneho genda, Uwiteka abane namwe. ["Imana ihabwe icyubahiro! Haleluya!"]

Urumva umerewe ute? Natwe turaziranye.

²⁷⁶ Mbese murabyizeye? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni cyo kimenyetso. Noneho Ijwi, ni, "Garuka kw'Ijambo!"

²⁷⁷ Ntitukuzi; We arakuzi. Niba hari icyo Aza kumbwira kuri wowe, noneho uraza kwemera ko iryo Jambo navuze rifite ishingiro? Ni byo—ibyo ni ugutsindishirizwa. Murareba? Navuze ko Yabikoze; ibyo ni ubuhanuzi. Noneho niba ubuhanuzi busohoye, noneho aravuga ati: "Byumve."

²⁷⁸ Wagize uburwayi bw'imitsi bukabije ku buryo ubabaye kubera imitsi. Kandi ufite ikibyimba, icyo kibyimba kiri ku maguru. Ni byo, si byo? [Mushiki wacu aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Ubu urizeye? ["Ni byo, mugenzi."] Noneho komeza utambuke, wizere. Kandi, nk'uko ubyizeye, ni ko bizakubaho.

²⁷⁹ Umerewe ute? Sinkuzi, ariko Imana irakuzi. Wizera ko Imana ishobora kumbwira ibibazo byawe? Nyitegereza. Ufite ibibazo. Ariko rwose uhagaze hano kubw'undi runaka, kandi ni ikibazo cyazamuwe na we. Ni mushiki wacu. Ni byo. Noneho wizera ko Imana ishobora kumbwira ibitagenda neza kuri uriya mugore? Uraza kubyemera? Afite ibibazo by'umutima. Ni byo. Urizera ko agiye gukira ubu? Noneho, ukurikije kwizera kwawe, bikubere uko ushaka.

280 Ngwino, madamu. Urumva umerewe ute? Niba Imana ishobora kumbwira ibibazo byawe, cyangwa ibyo wakoze, cyangwa ikindi kintu, byagutera kwizera? Uzi ko ndi. . . Njye—Njye—Njye Sinkuzi. Ibyo byaba ari byo bimuranga We muri njye, nkurikije Ijambo Yasezeranije. [Mushiki wacu ati: “Ngomba kubyemera gusa.”—Ubwanditsi.] Urabyemera? [“Yego. Amina.”]

281 Uri undi, ufite ibibazo nk’umugore wo mu kigero cyawe yagira, ariko icyifuzo cyawe nyamukuru kireba undi muntu. Icyifuzo cyawe ku Mana; urimo gushaka Imana ntabwo ari wowe wenyine, ahubwo ni uwundi muntu, uwo ni umugabo. Ni umugabo wawe. Kandi afite ibibazo by’umutima. Wizera ko Iza kubikora. . . Imana iza kumukiza? Genda, ubyizere. Kandi, nk’uko ubyizeye, ni ko bizakubaho.

282 Noneho, murareba, ubutumwa bwoye, kuri ya saha nabwirizagaho. Ni byo, buri gihe uko byari bimeze, abantu batatu cyangwa bane bararenganye, ubu sinshobora kwihagararaho hano. Murareba? murebe, imbaga yose iragaragara nk’amata, hafi hano. Murareba? Yesu yaravuze ati: “Imbaraga Zimvuyemo.” Niba kandi umugore umwe, yarakoze ku mwambaro We, yamukuyemo imbaraga, kandi We yari Umwana w’Imana, bite kuri njye, umunyabyaha wakijijwe n’ubuntu Bwayo?

283 Aravuga ati: “Ibyo Nkora na mwe muzabikora. Ndetse muzakora *ibirenze* ibi.” Nzi neza ko muri Yakobo havugaga ngo: “Ibirenze ibyo.” Ariko iyaba mwari mufashe ibisobanuro by’umwimerere, bigira bita: “Muzakora *n’ibirenze* ibyo.” Nta muntu n’umwe washoboraga gukora ibirenze. Yazuye abapfuye, Ahagarika ibidukikije, akora byose. Ariko yaravuze ati: “*N’ibirenze* ibyo muzabikora, kuko njya kwa Data.”

284 “Isi ntizambona; ariko mwebwe muzambona, kubwanjye. . .” Murebe, “Njye,” Njye—Njye ni insimbuzazina. “Nzaba ndi kumwe na mwe, ndetse no muri mwe.” Noneho, ntabwo ari umuntu. Ni Kristo.

285 Ndimwo kubivuga, mu buryo bwo kwinyeganyezwa gato, uburyo bwo kwisubiraho ubwanjye. Mugeraho ahantu nyuma y’igihe gito kugeza ubwo. . . Ntabwo ari mu gihe muri hejuru *hariya*, cyangwa hepfo *aha*; ni hagati aho. Ni bangahe babyumva? Ndabazi—murimo gutekereza ko mubyumva. Nanjye ni uko.

286 Mwari muzi ko abasizi n’abahanuzi bahora ari abanyabiruru? Ni bangahe babizi?

287 Ni bangahe bigeze bumva ibya William Cowper, umusizi ukomeye w’Icyongereza? Muramuzi, wanditse agira ati: “Hano hari isoko yuzuye Amaraso, yakuwe mu mitsi ya Emanweli.” Amaze kwandika iyo ndirimbo, wigeze wumva ibyamubayeho? Nahagaze hafi y’imva ye. Yagerageje kwiyahura, arohama mu ruzi.

288 Ni bangahe bumvise ibya Stephen Foster, wahaye Amerika indirimbo zayo nziza? Yari afite mu mutwe ariko ntabwo yari afite umutima. Igihe cyose uguhumekerwa kwashoboraga kumushyushya, yandikaga indirimbo. Noneho igihe uguhumekerwa kumuvuyeho, ntiyashoboraga kumenya icyo yakwimarira we ubwe, nuko arazimira. We—we—yari yasinze. Kandi amaherezo atangiye kuva muri uko guhumekerwa, yahamagaye umukozi, nuko afata urwembe maze ariyahura. Ni byo.

289 Murebe Eliya, umuhanuzi. Yagiye hejuru aho, ahamagara umuriro uva mw'ijuru; ahamagara imvura iva mw'ijuru ku muni wa mbere; akinga ijuru, ibyo byose arabirangiza. Hanyuma guhumekerwa kumushiraho, asohoka mu butayu yenda gupfa. Imana iramusanga, hashize iminsi mirongo ine, asubira mu buvumo. Ibyo ni ukuri?

290 Nimurebe Yona, umuhanuzi. Amaze gutanga ubutumwa bwe, arazamuka yicara ku musozi, asaba Imana ngo imureke apfe. Yoo mbega. “Reka Umugaragu wawe agende amahoro.”

291 Abantu ntibabyumva. Oya, oya, ntuzabikora. Ntabwo nshobora kubisobanura, nta wundi muntu. Ntushobora gusobanura Imana. Imana ntabwo izwi n'ubushakashatsi bwa siyansi. Imana izwi kubwo kwizera. Turayizera. Ni gute ushobora gusobanura? Kwizera kwamera gute, kundi? Tumenya Imana kubwo kwizera.

292 Itorero ntirizongera kumenya imirimo, n'imiruhu, n'umuhangayiko, n'ikigeragezo cyagerageza kuritandukanya, Ubutumwa. Irabikora. Igihembo cyanjye ntigituruka ku bantu.

293 Nimurebe hano, madamu. Yego, vuba. Uriya mugore afite igicucu cy'urupfu. Imana ntabwo ije kuri uyu mugore aka kanya, ndabona... Ntabwo mubona kariya gacu kirabura kamanitse hafi ye? Azapfa, by'ukuri nk'isi. Hano nta gihe gishize, bafashe ifoto y'ikintu nka kiriya, bayijyana mu rugo. Yabonye igicucu cyijimye kimanitse hafi ye. Igicucu kigeza ku gupfa.

294 Umudamu muto wabazwe. Muri iki gikorwa cyo kubaga, babaze kanseri. Noneho ubu afite ibibazo, by'ubwoko bwose bwa—bwa, ni byo, gusa afite ingorane. Ikintu kimwe, ufite intege nke cyane ntushobora guhaguruka. Ikindi kintu, ni uko urimo kuva amashyira mu ruhago rw'inkari. Noneho, gusa kugira ngo ubone ko ntapfa kuvuga ibyo niboneye. Murareba? Ibyo ni ukuri. Ariko, madame, muganga yaragerageje. Ndamuzi arashoboye kubw'ibyo. Ariko, yari muganga, ariko Imana ni yo ikiza. Ugiye gupfa gutya. Yakoze ibyo yashoboye byose. Urabyemera? [Mushiki wacu ati: “Yego.”—Ubwanditsi.] Ngwino hano, umunota umwe gusa.

295 Ku bw'ububasha nahawe n'Imana ishobora byose, nahamirijwe na Malayika, uri hano ubungubu mw'ishusho

y'Inkingi y'Umuriro, Ndirukana iyi shitani ishaka gutwara ubuzima bw'uyu mugore. Mw'izina rya Yesu Kristo. Amina.

Genda, wizere nonaha. Hamwe n'ibiri muri wowe, izere.

²⁹⁶ Ufite ikibazo cyica abantu benshi kuruta ikindi kintu cyose, ikibazo by'umutima. Bavuga ko ari yo ndwara ya mbere, ariko si byo, mugenzi. icyaha ni cyo cya mbere... icyorezo. Wizera ko Ishoboye gukiza uwo mutima no gutuma umererwa neza? [Mwene Data ati: "Nzi ko Ibishoboye."—Ubwanditsi.] Noneho genda, wizere. Imana iguhe umugisha.

²⁹⁷ Utekereza ko Imana ishobora kugukiza umugongo kandi ukamererwa neza? Urabyizera n'umutima wawe wose? Genda, ubyizera, mushiki wanjye. Itegereze ibikubaho, uzakira neza.

²⁹⁸ Indwara ya rubagimpande n'umutima. Ariko se wemera ko Imana ishobora kugukiza? [Mushiki wacu ati: "Ndabyizeye."—Ubwanditsi.] N'umutima wawe wose? ["Ni byo, mugenzi."] Uraza kubyemera? ["Ni byo, mugenzi."] Ukurikije uko ubyizeye, abe ariko bikubera. Noneho genda, wizere n'umutima wawe wose, kandi Imana iraza kugukiza.

²⁹⁹ Ufite kandi ikibazo cy'umugongo. Wizera ko Yesu Kristo ashobora kugukiza? [Mushiki wacu ati: "Ni byo, mugenzi."—Ubwanditsi.] Noneho genda, wizere n'umutima wawe wose. Sinshobora kugukiza, murareba.

³⁰⁰ Porositate, guhagarika umutima, kandi nawe ufite rubagimpande. Wizera ko Imana ishobora gutuma umererwa neza, ikagukiza? Urabyemera? Genda, ubyizere, noneho.

³⁰¹ Bituma uba maso inshuro nyinshi, ukorora. Ariko Imana ikiza asima. Urabyizera? [Mwene Data ati: "Ni byo, mugenzi."—Ubwanditsi.] Wizera ko Ishobora gutuma umererwa neza nonaha? ["Ni byo, mugenzi."] Imana iguhe umugisha. Urakoze, kubwo kwizera kwawe.

³⁰² Byagenda bite niba ntanakubwiye ijambo, gusa nakurambitseho ibiganza, urabyizera? [Mwene Data ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Ngwino hano. Nkurambitseho ibiganza, mw'izina rya Yesu Kristo, kandi rubagimpande ikuveho. Iragiye.

³⁰³ Ngwino. Ngwino, mushiki wanjye. Urizeye? [Mushiki wacu ati: "Ni byo, mugenzi. Nakijijwe n'Umwami mbere."—Ubwanditsi.] Ni byiza, ni byo. ["Haleluya!"] Noneho uze kurya ifunguro ryawe rya nimugoroba, kandi igifu cyawe kiramererwa neza. ["Haleluya! Haleluya! Haleluya!"]

³⁰⁴ Ibibazo byinshi by'umugongo, byakubase kuva kera. Genda, wizere ko uri... Genda, wizere ko uza kumererwa neza, kandi Imana iza kubigukorera. [Mwene Data ati: "Imana irabikora. Amina."—Ubwanditsi.] Amina. Ni byiza. ["Uwiteka ahimbazwe."] Uwiteka aguhe umugisha, mwene Data. Amina.

³⁰⁵ Diyabete ntacyo iri cyo, kugira ngo Imana iyikize. Ishobora kubakiza. Urabyizera? [Mushiki wacu ati: "Ndabyizeye."—

Ubwanditsi.] Ni byo. Byemere, utangire umwizere nonaha n'umutima wawe wose.

306 Uyifite kandi mu maraso yawe. Wizera ko Imana iza kugukiza? Genda, wizere n'umutima wawe wose, kandi umererwe neza.

307 Urizera ko yagukijije noneho ubwo byagukubitaga? Yarabikoze.

308 Ikibazo cya Madamu. Ikibazo cy'umutima. Urabyizeye? [Mushiki wacu ati: "Ndabyizeye."—Ubwanditsi.] Genda, wakire—wakire gukira mw'Izina rya Yesu.

309 Wizera ko Imana iza kugukiza umugongo neza, impyiko zawе zizaba. . . Iguhe umugisha! Komeza.

Sinkiza. Sinshobora gukiza. Ntabwo ndi umuvuzi.

310 Ni iki watekereje igihe Yavugaga ku byerekeye umugongo we, urizera ko ibyawе nabyo byakize? Ni byiza, genda, wizere, noneho. . . Genda, wizere, n'umutima wawe wose.

311 Ibyawe nawe, wizera ko Imana igukijije? Genda, wizere, wizere n'umutima wawe wose. Imana iraza kubiguha niba u. . . Ugomba kubyizera, nyamara.

312 Wizera ko Imana iza kugukiza, nawe? [Mushiki wacu ati: "Uwiteka ahimbazwe! Nzi neza ko Ibikora."—Ubwanditsi.] Ni byo. Imana iguhe umugisha. Izere gusa n'umutima wawe wose.

313 Ngwino mugenzi. Igitonyanga cyera gishaje kiratonyanze. Gusuzuma ibyo byerekana diyabete. [Mwene Data ati: "Diyabete."—Ubwanditsi.] Wizera ko aza gutuma umererwa neza? Reka tujye i Kaluvari nonaha guterwa amarasо. Kubwo kwizera, mw'Izina rya Yesu Kristo, akire. Amina. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Izere n'umutima wawe wose. Urabyizeye? ["Ni ukuri."]

314 Tuvuge iki kuri bamwe muri mwe bateraniye hano nonaha? Wizeye n'umutima wawe wose, ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ari ko ari, kandi ni ko ari ko azahora n'iteka ryose? Urabyizera? [Itorerо riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

315 Bite ku byo muri *kano* karere? Umutegarugori muto wicaye, andeba neza aho ngaho, ababajwe n'ikibazo cy'umudamu, urizera ko Imana iza gutuma umererwa neza? Yambaye ikoti rito ry'ubururu. Ni byo. Izere nonaha, Yesu Kristo aragukiza. Ni ibyoroshye gusa.

316 Umutegarugori wicaye inyuma yawe, ufite umusatsi wijimye. Aravuze ati: "Urakoze, Mwami." Ikintu cyamukubise. Ntabwo yari azi icyo ari cyo. Ikibazo cy'uruhago cyakuvuyeho, uwicaye aho, inyuma y'umudamu yakize ako kanya. Niba wizeye n'umutima wawe wose ngaho, madamu. Urizeye? Ni byiza, zamura ikiganza niba ushaka kubyemera. Imana igukize.

Tuvuge iki kuri uyu uri hano hepfo, umuntu uri *hano*?

317 Garuka hariya mubateze amatwi, ubu bubashywe by'ukuri. Ntiwimuke. Murareba, izi ndwara ziraza kuva muri bamwe zijye ku bandi.

318 Bite byawe se mugenzi? Uyu musaza wicaye hano muri iyi ntebe? Urizeye? Wizeye ko Imana ishobora kugukiza? Indwara y'amagufa, ufite n'indwara y'ubuhumekero. Wizera ko Imana iza kubikora neza? Urabyizeye? Ni byiza, ushobora kubona ibyo wasabye. "Uramutse wizeye!"

319 Uratekereza iki, madamu, wicaye iruhande rwe? Na we urizeye? Urizera? Wizera ko Imana ishobora kumbwira ibibazo byawe? Uri kure yanjye. Gusa umwizere We. Uremera ko nakubwiye Ukuri? Noneho umuvuduko ukabije w'amaraso uzagabanuka. Urabyizeye?

320 Nawe wazamuye ikiganza cyawe. Wagerageje kumushishikariza. Wizera ko Imana ishobora kumbwira icyo ari cyo... Wabaye mwiza cyane mu kumufasha, none Imana iraba nziza mu kugufasha. Wabonye ikibazo cy'umwuka cyakubangamiye. Niba ari byo, uzunguze ikiganza nka *gutya*. Igiye kubikemurwa ubu. Yarabivuze neza.

321 Ni bangahe bizeye? Ni bangahe muri mwebwe bazemera... uwo ntabwo ari Umukristo, afite ku—kumva ko Yesu Kristo ari hano, ni inde wifuza guhaguruka nonaha, akavuga ati: "Yesu, ndashaka kwerekana ko ndi umunyabyaha, Urambabarira ibyaha byanjye?" Haguruka ku birenge byawe. Imana iguhe umugisha, mugabo. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Ni byo... Imana iguhe umugisha, wowe, wowe, wowe. Ibi, Irakureba. Ishyiraho izina ryawe iyo ukoze ibyo.

322 Hanze hano ku rubaraza, haguruka, uvuge uti: "Mwami Yesu, ndabishaka, ndashaka kumenyekana. Ndashaka imbabazi z'ubugingo bwanjye." Imana iguhe umugisha, wa mugabo we. "Ndashaka imbabazi, Mwami Yesu."

323 Ntureba, nshuti, uwo ni We uri hano? Imana iguhe umugisha, musore. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha, mukobwa ukiri muto. Ni cyo kintu gikomeye wigeze ukora. Noneho undi muntu utarabikoze, haguruka, uvuge uti: "Ndashaka kumenyekana, Mwami Yesu. Ndimo kwimenyekanisha, muri iri joro."

324 "Uzatura icyaha cye, azagirirwa imbabazi. Uhisha icyaha cye, ntazatera imbere."

325 Uzatura, mu Kugaragara Kwe? Imana iguhe umugisha, madamu. Ndashaka... Imana iguhe umugisha. Yego. Kandi Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha, mugabo. Imana iguhe umugisha, madamu. Umwami Imana iguhe umugisha.

³²⁶ Muravuga muti: “Ibyo hari icyo bivuze?” Hagati y’urupfu n’ubuzima, iryo ni ryo tandukaniro.

³²⁷ Waba uzirikana Ukugaragara Kwe hano? Murabizi? Murabyumva? Murareba, Murabibona, murabona Bikora. Uwo ni We. Ni byo rwose Yavuze ko aAzakora. Murabyemera? [Itorero rivavuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.]

³²⁸ Undi aravuga ati: “Ndashaka kwerekana ko ndi umunyabyaha, Mwami. Umbabarire ibyaha byanjye ubu.” Niba usanzwe uhagaze, zamura ikiganza cyawe. Bamwe muri mwe bazengurutse inkuta, bazamura...Imana ibahe umugisha. Imana iguhe umugisha. Undi muntu aravuga, hejuru ku rubaraza kugeza inyuma, vuga ati: “Ndashaka kwimenyekanisha, Mwami Yesu. Ndasaba imbabazi, iri joro, imbere y’Ukugaragara Kwawe, kwizera ko, Imana nyine izancira urubanza, Ukugaragara Kwayo kuri hano ubu. Irabizi ko Irimo kuvugana n’umutima wanjye imbwira ko nibeshye. Ndashaka guhaguruka nkavuga ko nibeshye. Natuye amakosa yanjye. Unciriye urubanza, mu mutima wanjye.” Ni nayo mpamvu nahagaritse umurongo w’amasengesho. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha.

³²⁹ Mutekereza ko nabihagaritse kubera iki? Nabihagaritse kuko nari nzi ko bigomba kubaho.

³³⁰ Noneho, hano hari abandi, mwabasha guhaguruka? Haguruka uvuge Ikintu kivugira ku mutima wawe kiti: “Uribeshya.” Imana iguhe umugisha, mugenzi. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. “Nibeshye. Mbabarira Mwami. Ndimu ndimenyekanisha. Ndahagurutse, Mwami, mu Ukugaragara Kwawe. Nzi ko Uri hano. Njye...Ugomba kuba uri hano. Wavuze ko ibi bizaba ari byo bi—bi bintu Wari gukora. Ubu ndi...Ndabona ikimenyetso, kandi nzi ko cyansobanuriwe ko ari cyo kigomba kuba ikimenyetso cy’uyu muni. Ndumva Ijwi rihamagarira kwihana. Ndi hano, Mwami. Nizeye ikimenyetso. Ndumva Ijwi.”

³³¹ Ijwi ririmo kuvugana nawe nonaha! Muhindukire, yemwe abatatanze! Hindukira, Wowe nyenyeri izerera! Hindukira, yewe wowe wirukanwe! Hindukira, iri joro!

³³² Ntushaka guhindukira? Haguruka gusa maze uvuge uti: “Nzi ko ndi umunyabyaha, ndasaba imbabazi.” Urabikora, undi muntu? Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, hejuru hariya, mwana wanjye. Niba nkubuze, We ntazakubura. Imana iguhe umugisha, madamu. Ni byiza cyane. Ni byiza cyane. Undi? Komeza...Ndashaka gufata umunota umwe gusa, kuko ndacyumva umutwaro muto hano, murareba. Undi? Imana iguhe umugisha, madamu. Ni bwo buryo bwo kubikora. Ni byo. Undi, “Ndashaka kwimenyekanisha, gusa nizamure njye ubwanjye mvuge ko nibeshye. Ndasaba imbabazi”? Uzabikora? Byihuse mbere y’uko tugera kure,

duhaguruke tuvuge tuti: “Ndashaka kwimenyekanisha, Mwami Yesu.” Imana iguhe umugisha, mukobwa ukiri muto.

³³³ Urabizi, wenda mbere y’uko ugera mu rugo, ariko igihe runaka cyangwa ikindi gihe hazaba igihu gikonje kizaza mu maso hawe. Birashoboka ko gitondo kimwe umuganga azaza akumva hari ibizamuka bigana mu kwaha kwawe, nta kindi gishobora gukorwa. Noneho uzumva imiraba ikonje y’urupfu itemba mu maso hawe. Uzibuka ibyo wakoze.

³³⁴ Wibuke, ntibashobora kugushyingura aharehare cyane, nta kintu bashobora kugukorera. Imana yarasezeraniye iti: “Nzongera kukuzura, ku munsu w’imperuka.” Murareba. “Uwumva amagambo yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho kandi ntawo azaza mu rubanza, ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo.” Mbese hari Umuntu ushobora kubisiba. Yesu Kristo yarabivuze. “Uwizera (ibyo ‘birasobanutse’) Ijambo Ryanjye kandi akizera Uwantumye, uwo afite Ubugingo buhoraho, ntazigera yinjira mu Rubanza, gucirwaho iteka, ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo.” Kubera ko, yizeye Umwana w’ikinege w’Imana, ko Imana yazutse, hashize imyaka ibihumbi bibiri, kandi ni muzima hano, iri joro, yerekana ibiranga kuzuka Kwe.

³³⁵ Haba hari undi uhagaze, nyuma y’ibyo, undi aravuga ati: “Ndashaka kubyemera. Ndashaka kumwakira”? Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Ni byiza cyane, madamu. Ni ikintu cy’inyamibwa. Ndashaka ko ubimenyekanisha.

³³⁶ Narebye uburyo bwo guhamagara ku gicaniro, hano hashize igihe, abantu baza, bahekenya amenyo, bahirikana ku ruhande bamwe ku bandi.

³³⁷ Ariko wabonye ishyaka ryabo imbere y’abantu? Abakobwa bakiri bato, na nyuma yo kubamagana ku byerekeye imisatsi yabo yogoshe, bisize amarangi; hamwe no kwisiga, hamwe n’umusatsi wogoshe, bahagaze neza kimwe, “Ndi umunyabyaha. Mana, mbabarira.” Izo ni za Mbuto zirambitse aho. Umucyo wamuritseho, kandi barabizi. Imana iguhe umugisha.

Mureke twunamishe imitwe yacu nonaha.

³³⁸ Ndashaka abizera bese hano, bahagarare hafi y’uwo muntu wahagurutse, mushyire ikiganza kuri uriya muntu, (murabikora?), uwo wahagurutse. Bari bahagaze iruhande rwawe. Niba uri Umukristo, barambikaho ikiganza cyawe, “Mushiki wacu, mwene Data, nkurambitseho kiganza cyanjye nonaha. Ngiye gusenga.”

³³⁹ Data wo mw’Ijuru, hano hari abari bari hano nimugoroba ba—bakwizeye. “Imbuta zimwe zigwa ku muhanda,” Uravuga uti: “inyoni ziraza zirazitoragura. Izindi zigwa ahantu h’amabuye, n’amahwa. Ariko hari n’izaguye mu butaka bwiza, burumbuka.” Kandi Ukugaragara Kwawe kuri hano, iri joro, byemeje benshi hano iri joro ko Uri Umwana w’Imana, ko Uri

muzima ubuziraherezo. Kandi wadusezeranije ko, kuko Uriho, natwe dushobora kubaho.

³⁴⁰ Mwami Yesu, bahagurutse bahagarara nk'abahamya ko bakwizeye Wowe. Noneho, Mwami, nzi ko Uzabahagararaho kuri uriya muni. Biduhe, Mwami. Ndbakweguriye, mw'Izina rya Yesu Kristo. Nibagende mu rusengero rwiza kandi babatizwe umubatizo wa Gikristo. Nibifatanye ubwabo n'itsinda ryiza ry'abizera. Nibuzure Umwuka Wera. Nibabe ibikombe by'Ubutumwa Bwiza, amabuye y'agaciro kw'ikamba Ryawe kuri uriya muni. Niba kandi ntazongera kubabona ku ruhande rw'uwo Muni ukomeye, nshobora kubabona uwo Muni nko mu iyerekwa, bavuga bati: "Ntunyibuka? Muri Baton Rouge, muri iryo joro, ni bwo nahagurutse." Biduhe, Data. Ni Abawe, binyuze mw'Izina rya Kristo.

³⁴¹ Hano hari, birambitse imbere yanjye, agasanduku k'ibitambaro, inkweto nto, imiswara, ibitambaro, n'imyenda, n'amataburiya. Twigishijwe, muri Bibiliya, ko bakozaga ibitambaro by'imyenda ku mubiri wa Mutagatifu Pawulo, imyuka ihumanya ikava mu bantu. Noneho, Data, tuzi ko tutari Pawulo Mutagatifu, ariko Uracyari Imana imwe, ndagusenga rero ngo utange ibisubizo bimwe, nk'uko tubikuye ku mutima iki gisekuru cyizera. Ntibigeze bemera Pawulo kuko yari Pawulo; bizera Pawulo kuko Wimenyekanyishije Ubwawe na Pawulo. Noneho bizera ikintu kimwe muri iri joro, Mwami, ko Wamenyekanye muri twe, iri joro. Kandi umunsi umwe, turavuga...

³⁴² Umwanditsi umwe yaratubwiraga, ngo: "Isiraheli yari mu nzira igana mu gihugu cyasezeranijwe, kandi Inyanja Itukura yitambitse mu nzira, kugira ngo ibatandukanye n'igihugu cyasezeranijwe." Umwanditsi yaravuze, ko: "Imana yarebye iyo Nkingi y'Umuriro, ifite amaso arakaye, iyo Yagendagenda hejuru ya Isiraheli. Byahindutse ubuhumyi, umwijima ku batizera, n'umucyo kuri Isiraheli. Kandi iyo Nyanja Itukura yitambitse mu nzira, yari iteye ubwoba, nuko yitandukanyije, Isiraheli yambuka igihugu cyasezeranijwe ku butaka bwumutse."

³⁴³ Mwami Mana, itegereze muri iri joro, ukoresheje Amaraso ya Yesu Kristo, Umwana Wawe. Nk'uko ndarambitse ibiganza kuri ibi bitambaro, iyo bishyizwe ku barwayi, Umwuka Wera, Mwami, reba uwo muntu, kandi indwara ive muri we, maze bambuke muri kiriya gihugu cy'ubuzima bwiza n'imbaraga. Bibiliya yaravuze iti: "Hejuru ya byose," ko bifuzaga ko tugomba "gutera imbere mu buzima." Bitwemerere, Mwami. Ndabohereje, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

...njye nzakurikira,
Aho Anyobora...

Mureke turirimbe.

...nzakurikira,
Nzajyana na We,

Noneho Kugaragara Kwe kuri hano, reka tumuhimbaze mu ndirimbo, iryoshye.

...inzira zose.

344 Ushobora kuririmba, mu by'ukuri, nka gutya:

Nzamukurikira aho Azanyobora,
Nzamukurikira aho azanyobora,
Nzamukurikira aho Azanyobora,
Nzagenda na...

Niba mubishaka, muzamure ibiganza byanyu.

...na We mu nzira zose.

Reka duhaguruke nonaha, tuzamure ibiganza byacu.

...We yanyuze mu busitani,

345 Buri wese aririmbe mu Mwuka ubu. Ubutumwa nyabwo bwo gucamo. Mureke tumuranye mu Kugaragara Kwe. Akunda kuramywa.

...ubusitani,
Nzajyana na we mu busitani,
Nzajyana na We, hamwe na We hose...

Noneho reka tubyishimire.

Ndashoboye...

346 Noneho iyo mukora ibyo, ndashaka ko muhana ibiganza n'umuntu, muvuga muti: "Imana iguhe umugisha, musuhuke. Imana iguhe umugisha, wowe musuhuke," nk'ibyo. Turi umwe hamwe n'undi. Metodiste, na Batisita, Peresibiteriyeni, Abapentekote, mwese muhane ibiganza, "Imana iguhe umugisha, musuhuke." Ni byo turimo, basuhuke.

...ubusitani,

347 Imana iguhe umugisha, musuhuke. Imana iguhe umugisha, tubana n'abantu bese. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.]

...ubusitani,

Noneho reka tuzamure ibiganza.

Nzajyana na We, yoo, hamwe na We inzira yose.

348 Reka twunamishe imitwe yacu, twicishije bugufi, dusenga. Ntimwibagirwe, mu gitondo, ishuri ryo ku cyumweru.

349 *Mu bundi buryo*, ndumva gusa Ukugaragara kw'Imana k'ukuri mu mutima wanjye. Gusa birangoye cyane kugenda, iri joro, mu buryo runaka. Ndumva Umwuka Wera yishimye, iri joro. Birashoboka ko tuzagira amateraniro meza ejo, tubona abantu baza kuri Kristo, murebe. Umuntu yibajije

impamvu ntigeze mpamagara ku gicaniro. Ntegereje kugeza igihe nyoborewe kubikora. Murareba?

³⁵⁰ Nizeye ko abantu bose bazamuye ibiganza byabo, cyangwa se bahagurutse, Nizera ko ejo muzaba muri mw'itorero ryiza, musagira imyanya yanyu hagati y'abizera.

³⁵¹ Mu gihe twunamishije imitwe, tugiye gusaba pasiteri kuza hano imbere, niba abishaka, kugira ngo asoze. Reka Imana ibahe imigisha, imitwe n'imitima yacu byunamye imbere y'Imana. 

64-0321E Ijwi Ry'Ikimenyetso
Ishuri ryisumbuye ryitwa Denham Springs
Denamu Sipiringi, Luwisiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org